

***Ibirimo/Summary/Sommaire***

***page/urup.***

***Iteka rya Minisitiri/ Ministerial Order/ Arrêté Ministériel***

**N°06/01 ryo ku wa 29/05/2019**

Iteka rya Minisitiri ryerekeye Abinjira n'Abasohoka.....2

**N°06/01 of 29/05/2019**

Ministerial Order relating to Immigration and Emigration.....2

**N°06/01 du 29/05/2019**

Arrêté Ministériel relatif à l'Immigration et Émigration.....2

ITEKA RYA MINISITIRI N°06/01 MINISTERIAL ORDER N°06/01 OF ARRÊTÉ MINISTÉRIEL N° 06/01 DU  
RYO KU WA 29/05/2019 29/05/2019 RELATING TO 29/05/2019 RELATIF À  
RYEREKEYE ABINJIRA IMMIGRATION AND EMIGRATION L'IMMIGRATION ET ÉMIGRATION  
N'ABASOHOKA

**ISHAKIRO**

**TABLE OF CONTENTS**

**TABLE DES MATIÈRES**

**UMUTWE WA MBERE: INGINGO  
RUSANGE**

**CHAPTER ONE: GENERAL  
PROVISIONS**

**CHAPITRE PREMIER:  
DISPOSITIONS GÉNÉRALES**

**Ingingo ya mbere: icyo iri teka rigamije**

**Article One: Purpose of this Order**

**Article premier: Objet du présent arrêté**

**Ingingo ya 2: Ibisobanuro  
by'amagambo**

**Article 2: Definitions**

**Article 2: Définitions**

**UMUTWE WA II: KWINJIRA,  
GUTAMBUKA NO GUSOHOKA MU  
RWANDA**

**CHAPTER II: ENTRY INTO,  
TRANSIT AND EXIT FROM  
RWANDA**

**CHAPITRE II: ENTRÉE, TRANSIT  
ET SORTIE DU RWANDA**

**Ingingo ya 3: Kwinjira mu Rwanda**

**Article 3: Entry into Rwanda**

**Article 3: Entrée au Rwanda**

**Ingingo ya 4: Kwinjira no gusohoka  
k'umwana**

**Article 4: Entry and exit of a child**

**Article 4: Entrée et sortie d'un enfant**

**Ingingo ya 5: Kwinjiza no gusohora  
umuntu wapfuye**

**Article 5: Entry and exit of a dead person**

**Article 5: Entrée et sortie d'une  
personne décédée**

**Ingingo ya 6: Gutambuka mu Rwanda**

**Article 6: Transit through Rwanda**

**Article 6: Transiter par le Rwanda**

**Ingingo ya 7: Gusohoka mu Rwanda**

**Article 7: Exit from Rwanda**

**Article 7: Sortie du Rwanda**

**Ingingo ya 8: Guhagarika umugenzi  
by'igihe gito**

**Article 8: Provisional interception of a  
traveller**

**Article 8: Interception provisoire d'un  
voyageur**

**Ingingo ya 9:** Uburenganzira bw'umugenzi wahagaritswe by'igihe gito ku mupaka

**Article 9:** Rights of a traveller provisionally intercepted at a border - post

**Article 9:** Droits d'un voyageur provisoirement intercepté à un poste-frontière

**UMUTWE WA III: INZEGO ZA VIZA NYARWANDA**

**CHAPTER III: CLASSES OF RWANDAN VISA**

**CHAPITRE III: CLASSES DE VISA RWANDAIS**

**Ingingo ya 10:** Viza itangwa hashingiwe ku masezerano

**Article 10:** Visa issued under special arrangement

**Article 10:** Visa délivré sur base d'arrangement spécial

**Ingingo ya 11:** Viza yo gutambuka

**Article 11:** Transit Visa

**Article 11:** Visa de transit

**Ingingo ya 12:** Viza yo gusura

**Article 12:** Visitor visa

**Article 12:** Visa de visite

**UMUTWE WA IV: IMPUSHYA ZO KUBA MU RWANDA**

**CHAPTER IV: RESIDENCE PERMITS**

**CHAPITRE IV: PERMIS DE SÉJOUR**

**Icyiciro cya mbere:** Uruhushya rwo kuba mu Rwanda igihe giteganyijwe

**Section One:** Temporary residence permits

**Section première:** Permis de séjour temporaire

**Ingingo ya 13:** Inzego z'impushya zo kuba mu Rwanda igihe giteganyijwe

**Article 13:** Classes of temporary residence permit

**Article 13:** Classes de permis de séjour temporaire

**Ingingo ya 14:** Igihe uruhushya rwo kuba mu Rwanda igihe giteganyijwe rusabirwa

**Article 14:** Application timeline for a temporary residence permit

**Article 14:** Délai de demande d'un permis de séjour temporaire

**Ingingo ya 15:** Itangwa ry'uruhushya rwo kuba mu Rwanda igihe giteganyijwe

**Article 15:** Issuance of a temporary residence permit

**Article 15:** Émission de permis de séjour temporaire

**Ingingo ya 16:** Igihe uruhushya rwo kuba mu Rwanda igihe giteganyijwe rumara

**Article 16:** Validity of a temporary residence permit

**Article 16:** Validité d'un permis de séjour temporaire

<b><u>Ingingo ya 17:</u></b> Abagenewe uruhushya rwo kuba mu Rwanda igihe giteganyijwe	<b><u>Article 17:</u></b> Beneficiaries of a temporary residence permit	<b><u>Article 17:</u></b> Bénéficiaires d'un permis de séjour temporaire
<b><u>Ingingo ya 18:</u></b> Uburenganzira bw'uwahawe uruhushya rwo kuba mu Rwanda igihe giteganyijwe	<b><u>Article 18:</u></b> Rights of a temporary residence permit holder	<b><u>Article 18:</u></b> Droits accordés à un détenteur d'un permis de séjour temporaire
<b><u>Ingingo ya 19:</u></b> Ibikurikizwa n'ibisabwa ku bakozi b'isosiyete bahererekanyijwe	<b><u>Article 19:</u></b> Procedure and requirement for intra-company transfer	<b><u>Article 19:</u></b> Procédure et conditions de transfert d'employés de même entreprise
<b><u>Icyiciro cya 2:</u></b> Uruhushya rwo kuba mu Rwanda igihe kidateganyijwe	<b><u>Section 2:</u></b> Permanent residence permit	<b><u>Section 2:</u></b> Permis de séjour permanent
<b><u>Ingingo ya 20:</u></b> Inzego z'impushya zo kuba mu Rwanda igihe kidateganyijwe	<b><u>Article 20:</u></b> Classes of permanent residence permits	<b><u>Article 20:</u></b> Classes des permis de séjour permanents
<b><u>Ingingo ya 21:</u></b> Uburenganzira bw'ufite uruhushya rwo kuba mu Rwanda igihe kidateganyijwe	<b><u>Article 21:</u></b> Rights of a permanent residence permit holder	<b><u>Article 21:</u></b> Droits d'un détenteur d'un permis de séjour permanent
<b><u>Ingingo ya 22:</u></b> Kwamburwa uruhushya rwo kuba mu Rwanda igihe kidateganyijwe	<b><u>Article 22:</u></b> Cancellation of a permanent residence permit	<b><u>Article 22:</u></b> Annulation d'un permis de séjour permanent
<b><u>Icyiciro cya 3:</u></b> Ingingo zihuriweho ku mpushya zo kuba mu Rwanda	<b><u>Section 3:</u></b> Common provisions to residence permits	<b><u>Section 3:</u></b> Dispositions communes aux permis de séjour
<b><u>Ingingo ya 23:</u></b> Ikarita iranga umunyamahanga	<b><u>Article 23:</u></b> Resident identity card	<b><u>Article 23:</u></b> Carte d'identité pour étranger
<b><u>Ingingo ya 24:</u></b> Amasezerano yo gusonerana ikiguzi kuri viza cyangwa impushya zo kuba mu Rwanda	<b><u>Article 24:</u></b> Waiver regime of the cost of visas and residence permits	<b><u>Article 24:</u></b> Accord d'exonération de frais de visa ou de permis de séjour

<b><u>Ingingo ya 25:</u> Gukora k'ugize umuryango w'umudipolomate</b>	<b><u>Article 25:</u> Working for a family member of a diplomat</b>	<b><u>Article 25:</u> Travail pour un membre de la famille d'un diplomate</b>
<b><u>UMUTWE WA V:</u> INYANDIKO Z'INZIRA Z'U RWANDA N'ITANGWA RYAZO</b>	<b><u>CHAPTER V:</u> RWANDAN TRAVEL DOCUMENTS AND THEIR ISSUANCE</b>	<b><u>CHAPITRE V:</u> DOCUMENTS DE VOYAGE RWANDAIS ET LEUR DÉLIVRANCE</b>
<b><u>Icyiciro cya mbere:</u> Ibyiciro by'inyandiko z'inzira z'u Rwanda</b>	<b><u>Section One:</u> Categories of rwandan travel documents</b>	<b><u>Section première:</u> Catégories de documents de voyage rwandais</b>
<b><u>Ingingo ya 26:</u> Pasiporo isanzwe</b>	<b><u>Article 26:</u> Ordinary passport</b>	<b><u>Article 26:</u> Passeport ordinaire</b>
<b><u>Ingingo ya 27:</u> Pasiporo y'akazi</b>	<b><u>Article 27:</u> Service passport</b>	<b><u>Article 27:</u> Passeport de service</b>
<b><u>Ingingo ya 28:</u> Pasiporo y'abanyacyubahiro</b>	<b><u>Article 28:</u> Diplomatic passport</b>	<b><u>Article 28:</u> Passeport diplomatique</b>
<b><u>Ingingo ya 29:</u> <i>Laissez-passer</i></b>	<b><u>Article 29:</u> <i>Laissez-passer</i></b>	<b><u>Article 29:</u> <i>Laissez-passer</i></b>
<b><u>Ingingo ya 30:</u> <i>Laissez-passer</i> rusange</b>	<b><u>Article 30:</u> <i>Collective laissez-passer</i></b>	<b><u>Article 30:</u> <i>Laissez-passer</i> collectif</b>
<b><u>Ingingo ya 31:</u> <i>ASC/CEPGL</i></b>	<b><u>Article 31:</u> <i>ASC/CEPGL</i></b>	<b><u>Article 31:</u> <i>ASC/CEPGL</i></b>
<b><u>Ingingo ya 32:</u> Urwandiko rw'inzira rw'ingoboka</b>	<b><u>Article 32:</u> Emergency travel document</b>	<b><u>Article 32:</u> Document de voyage d'urgence</b>
<b><u>Ingingo ya 33:</u> Urwandiko rw'inzira rw'umunyamahanga uba mu Rwanda</b>	<b><u>Article 33:</u> Resident travel document</b>	<b><u>Article 33:</u> Document de voyage d'un résident</b>
<b><u>Ingingo ya 34:</u> Urwandiko rw'inzira rw'impunzi</b>	<b><u>Article 34:</u> Refugee travel document</b>	<b><u>Article 34:</u> Titre de voyage pour réfugié</b>
<b><u>Ingingo ya 35:</u> Urwandiko rw'inzira rw'abaturiye imbibi</b>	<b><u>Article 35:</u> Border pass</b>	<b><u>Article 35:</u> <i>Laissez-passer</i> frontalier</b>

<b><u>Ingingo ya 36:</u></b> Izindi nyandiko zikoreshwa nk'inyandiko z'inzira	<b><u>Article 36:</u></b> Other documents used as travel documents	<b><u>Article 36:</u></b> Autres documents utilisés comme documents de voyage
<b><u>Icyiciro cya 2:</u></b> Itangwa ry'inyandiko z'inzira z'u Rwanda	<b><u>Section 2:</u></b> Issuance of Rwandan travel documents	<b><u>Section 2:</u></b> Délivrance des documents de voyages rwandais
<b><u>Ingingo ya 37:</u></b> Gusaba no gutanga inyandiko z'inzira z'u Rwanda	<b><u>Article 37:</u></b> Application and issuance of Rwandan travel documents	<b><u>Article 37:</u></b> Demande et délivrance de documents de voyage rwandais
<b><u>Ingingo ya 38:</u></b> Igihe dosiye isaba urwandiko rw'inzira itakariza agaciro	<b><u>Article 38:</u></b> Validity of application file for a travel document	<b><u>Article 38:</u></b> Validité du dossier de demande de document de voyage
<b><u>Ingingo ya 39:</u></b> Gutunga pasiporo irenze imwe	<b><u>Article 39:</u></b> Holding more than one passport	<b><u>Article 39:</u></b> Détenir plus d'un passeport
<b><u>Ingingo ya 40:</u></b> Kumenyesha itakara ry'urwandiko rw'inzira	<b><u>Article 40:</u></b> Declaring loss of a travel document	<b><u>Article 40:</u></b> Déclaration de perte d'un document de voyage
<b><u>Ingingo ya 41:</u></b> Ibikurikizwa mu kwemeza inyandiko z'inzira zatanzwe n'umuryango mpuzamahanga cyangwa umuryango uhuza ibihugu	<b><u>Article 41:</u></b> Procedure for recognition of a travel document issued by an international or intergovernmental organisation	<b><u>Article 41:</u></b> Procédure de reconnaissance d'un document de voyage délivré par une organisation internationale ou intergouvernementale
<b><u>Ingingo ya 42:</u></b> Uburyo bwo kumenyekanisha ibiranga urwandiko rw'inzira rw'ikindi gihugu	<b><u>Article 42:</u></b> Modalities of sharing the specimen of a country's travel document	<b><u>Article 42:</u></b> Modalités de communication du spécimen d'un document de voyage d'un pays
<b><u>Ingingo ya 43:</u></b> Amafaranga atangwa ku rwandiko rw'inzira	<b><u>Article 43:</u></b> Fees for a travel document	<b><u>Article 43:</u></b> Frais pour un documents de voyage
<b><u>UMUTWE WA VI: IMICUNGIRE Y'ABANYAMAHANGA MU RWANDA</u></b>	<b><u>CHAPTER VI: MANAGEMENT OF FOREIGNERS IN RWANDA</u></b>	<b><u>CHAPITRE VI: ADMINISTRATION DES ÉTRANGERS AU RWANDA</u></b>
<b><u>Ingingo ya 44:</u></b> Igenzura	<b><u>Article 44:</u></b> Inspection	<b><u>Article 44:</u></b> Inspection

<b><u>Ingingo ya 45:</u> Uburyo bwo gutangaza ko umunyamahanga ari mu Rwanda binyuranyije n'amategeko</b>	<b><u>Article 45:</u> Procedure for declaration of an irregular foreigner in Rwanda</b>	<b><u>Article 45:</u> Procédure de déclarer un étranger en situation irrégulière au Rwanda</b>
<b><u>Ingingo ya 46:</u> Uburyo bwo gutangaza ko umunyamahanga atemewe mu gihugu</b>	<b><u>Article 46:</u> Procedure for declaration of a prohibited foreigner</b>	<b><u>Article 46:</u> Procédure de déclaration d'un étranger interdit</b>
<b><u>Ingingo ya 47:</u> Gusaba isubika ry'iyirukanwa</b>	<b><u>Article 47:</u> Request for a stay of expulsion</b>	<b><u>Article 47:</u> Demande de suspension d'une expulsion</b>
<b><u>Ingingo ya 48:</u> Kujuririra icyemezo cyo kugirwa utemerewe kwinjira mu gihugu, uri mu gihugu binyuranije n'amategeko cyangwa utemewe mu gihugu</b>	<b><u>Article 48:</u> Appeal against a declaration of inadmissibility, irregularity or prohibited foreigner</b>	<b><u>Article 48:</u> Recours contre une déclaration d'inadmissibilité, d'irrégularité ou d'un étranger interdit</b>
<b><u>Ingingo ya 49:</u> Uburyo bwo kwirukana umunyamahanga no kugena igihugu ajalanwamo</b>	<b><u>Article 49:</u> Procedure for expulsion of a foreigner and determination of returning country</b>	<b><u>Article 49:</u> Procédure d'expulser un étranger et détermination du pays d'accueil</b>
<b><u>Ingingo ya 50:</u> Uburyo bwo kwemerera umunyamahanga wirukanwe mu gihugu kugaruka</b>	<b><u>Article 50:</u> Procedure for authorization for re-entry in the country to an expelled foreigner</b>	<b><u>Article 50:</u> Procédure d'autorisation de revenir au pays à un étranger expulsé</b>
<b><u>Ingingo ya 51:</u> Uburyo bukurikizwa mu gusubiza inyuma umunyamahanga utemerewe kwinjira mu Rwanda</b>	<b><u>Article 51:</u> Procedure for returning an inadmissible person</b>	<b><u>Article 51:</u> Procédure de retourner une personne inadmissible</b>
<b><u>Ingingo ya 52:</u> Uburyo bukurikizwa mu kuvana umunyamahanga mu Rwanda</b>	<b><u>Article 52:</u> Procedure for deportation</b>	<b><u>Article 52:</u> Procédure de déportation</b>
<b><u>Ingingo ya 53:</u> Ikiguzi kijyanye no gusubizayo utemerewe kwinjira no kuvana mu Rwanda umunyamahanga</b>	<b><u>Article 53:</u> Costs relating to the return or deportation of an admissible person</b>	<b><u>Article 53:</u> Frais relatifs au retour d'une personne inadmissible ou à la déportation</b>

**Ingingo ya 54:** Abenegihugu bakomoka mu bihugu biri mu miryango cyangwa ihuriro irenze umwe yemeranyijwe isonerana

**Article 54:** Nationals from countries belonging to more than one organization or community with waiver regime

**Article 54:** Citoyens des pays appartenant à plus d'une organisation ou communauté ayant un régime d'exonération

**Ingingo ya 55:** Urujya n'uruza mu mijyi ihana imbibi

**Article 55:** Movement of persons in adjacent cities

**Article 55:** Mouvement des personnes dans les villes adjacentes

**Ingingo ya 56:** Umwana w'umunyamahanga uvukiye ku butaka bw'u Rwanda

**Article 56:** Child born to a foreigner in Rwanda

**Article 56:** Enfant né d'un étranger au Rwanda

**Ingingo ya 57:** Amakuru y'abagenzi n'itsinda ry'abakozi

**Article 57:** Passengers and crew information

**Article 57:** Informations sur les passagers et membres d'équipage

**UMUTWE WA VII: AMAKOSA N'IBIHANO BYO MU RWEGO RW'UBUTEGETSI**

**CHAPTER VII: ADMINISTRATIVE FAULTS AND SANCTIONS**

**CHAPITRE VII: FAUTES ADMINISTRATIVES ET SANCTIONS**

**Ingingo ya 58:** Gutinda gusaba no kongerasha viza cyangwa uruhushya rwo kuba mu Rwanda

**Article 58:** Delay to apply or renew the visa or residence permit

**Article 58:** Retard de demande ou renouvellement du visa ou permis de séjour

**Ingingo ya 59:** Amakosa yerekeranye no gutwara abantu n'ibintu mu ndege

**Article 59:** Faults related to air transport

**Article 59:** Fautes relatives au transport aérien

**Ingingo ya 60:** Kwanga cyangwa gukererwa gutanga amakuru ku bagenzi

**Article 60:** Refusal or delay to provide information related to passengers

**Articles 60:** Refus ou retard de fournir les informations relatives aux passagers

**Ingingo ya 61:** Amakosa y'amasosiyete akoresha ubundi buryo bwo gutwara abantu n'ibintu

**Article 61:** Faults for companies using other means of transport

**Article 61:** Fautes pour des sociétés utilisant d'autres moyens de transport

**Ingingo ya 62:** Kutubahiriza inshingano z'umukoresha

**Article 62:** Non compliance with obligations of an employer

**Article 62:** Non respect des obligations d'un employeur



**Ingingo ya 63:** Guta cyangwa kwangiza ku burangare urwandiko rw'inzira

**Article 63:** Negligent loss or damage of a travel document

**Article 63:** Perte ou détérioration d'un document de voyage par négligence

**Ingingo ya 64:** Kutubahiriza inshingano z'ushinzwe amacumbi cyangwa za nyir'inzu ituwemo

**Article 64:** Non compliance with obligation of operator of accommodation facility or owner of a residential house

**Article 64:** Non respect des obligations d'un opérateur d'un établissement d'hébergement ou d'un propriétaire d'une maison résidentielle

**Ingingo ya 65:** Kutubahiriza inshingano z'ikigo cy'ishuri, ikigo kigisha ubumenyingiro cyangwa icy'ubushakashatsi n'ikindi kigo gitangirwamo ubumenyi

**Article 65:** Non compliance with obligations of a school, vocational or research center and another institution of learning

**Article 65:** Non respect des obligations d'un établissement scolaire, centre de formation professionnelle ou de recherche et une autre institution d'apprentissage

**UMUTWE WA VIII: INGINGO ZISOZA**

**CHAPTER VIII: FINAL PROVISIONS**

**CHAPITRE VIII: DISPOSITIONS FINALES**

**Ingingo ya 66:** Ivanwaho ry'amateka n'ingingo zinyuranyije n'iri teka

**Article 66:** Repealing provision

**Article 66:** Disposition abrogatoire

**Ingingo ya 67:** Igihe iri teka ritangirira gukurikizwa

**Article 67:** Commencement

**Article 67:** Entrée en vigueur

<b>ITEKA RYA MINISITIRI N°06/01 RYO KU WA 29/05/2019 RYEREKEYE ABINJIRA N'ABASOHOKA</b>	<b>MINISTERIAL ORDER N°06/01 OF 29/05/2019 RELATING TO IMMIGRATION AND EMIGRATION</b>	<b>ARRÊTÉ MINISTÉRIEL N° 06/01 DU 29/05/2019 RELATIF À L'IMMIGRATION ET ÉMIGRATION</b>
---	---	--

<b>Minisitiri muri Perezidansi ya Repubulika,</b>	<b>Minister in the Office of the President,</b>	<b>Le Ministre à la Présidence de la République,</b>
---	---	--

Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 121, iya 122 n'iya 176;	Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 2003 revised in 2015, especially in Articles 121, 122 and 176;	Vu la Constitution de la République du Rwanda de 2003 révisée en 2015, spécialement en ses articles 121, 122 et 176;
--	--	--

Ashingiye ku Itegeko n° 57/2018 ryo ku wa 13/08/2018 ryerekeye abinjira n'abasohoka mu Rwanda, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 3, iya 4, iya 5, iya 8, iya 13, iya 15, iya 17, iya 18, iya 19, iya 22, iya 23, iya 27, iya 30, iya 31 n'iya 43;	Pursuant to Law n° 57/2018 of 13/08/2018 on immigration and emigration in Rwanda, especially in Articles 3, 4, 5, 8, 13, 15, 17, 18, 19, 22, 23, 27, 30, 31 and 43;	Vu la Loi n° 57/2018 du 13/08/2018 sur l'immigration et émigration au Rwanda, spécialement en ses articles 3, 4, 5, 8, 13, 15, 17, 18, 19, 22, 23, 27, 30, 31 et 43;
--	---	--

Asubiye ku Iteka rya Minisitiri n° 02/01 ryo ku wa 31/05/2011 rigena amabwiriza n'ibikorwa mu gushyira mu bikorwa Itegeko ryerekeye abinjira n'abasohoka;	Having reviewed Ministerial Order n°02/01 of 31/05/2011 establishing regulations and procedures implementing immigration and emigration law;	Revu l'Arrêté Ministériel n°02/01 du 31/05/2011 portant les règlementations et procédures d'exécution de la loi sur l'immigration et émigration;
---	--	--

Asubiye ku Iteka rya Minisitiri n° 03/01 ryo ku wa 31/05/2011 rishyiraho ikiguzi cy'inyandiko z'inzira, impushya zo kuba mu Rwanda, viza n'izindi serivisi zitangwa n'Ubuyobozi Bukuru bw'Abinjira n'Abasohoka mu Gihugu;	Having reviewed Ministerial Order n° 03/01 of 31/05/2011 determining the fees charged on travel documents, residence permits, visas and other services delivered by the Directorate General of Immigration and Emigration;	Revu l'Arrêté Ministériel n° 03/01 du 31/05/2011 fixant les frais de documents de voyage, permis de résidence, visas et autres services délivrés par la Direction Générale de l'Immigration et Émigration;
---	--	--

Asubiye ku Iteka rya Minisitiri n° 04/001 ryo ku wa 31/01/2012 ryerekeye pasiporo y'abanyacyubahiro;	Having reviewed Ministerial Order n°04/001 of 31/01/2012 on the diplomatic passport;	Revu l'Arrêté Ministériel n° 04/001 du 31/01/2012 sur le passeport diplomatique;
--	--	--

**Official Gazette no.Special of 30/05/2019**

Asubiye ku Iteka rya Minisitiri n° 05/01 ryo ku wa 14/03/2014 rigena ibindi byiciro by'inzandiko z'inzira n'urundi rwego rwa viza;

Inama y'Abaminisitiri yateranye ku wa 03/04/2019, imaze kubisuzuma no kubyemeza;

**ATEGETSE:**

**UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE**

**Ingingo ya mbere: Icyo iri teka rigamije**

Iri teka rigamije ibi bikurikira:

- 1° guteganya uburyo iyemezwa ry'urwandiko rw'inzira rwatanzwe n'umuryango uhuza ibihugu cyangwa umuryango mpuzamahanga rikorwa;
- 2° kugena ibindi bikurikizwa mu kwinjira no gusohoka mu Rwanda;
- 3° guteganya ibijyanye no kwinjizwa no gusohorwa mu Rwanda k'umuntu wapfuye;
- 4° kugena ibindi bikurikizwa mu kuba no gutura mu Rwanda;

Having reviewed Ministerial Order n° 05/01 of 14/03/2014 establishing other categories of travel documents and another class of visa;

After consideration and approval by the Cabinet, in its session of 03/04/2019;

**ORDERS:**

**CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS**

**Article One: Purpose of this Order**

The purpose of this Order is as follows:

- 1° to provide for modalities for recognition of a travel document issued by an intergovernmental or international organisation;
- 2° to determine for other conditions required for entry into and exit from Rwanda;
- 3° provide for conditions required for entry into and exit from Rwanda of a dead person;
- 4° to provide for other conditions of stay and residence in Rwanda;

Revu l'Arrêté Ministériel n° 05/01 du 14/03/2014 déterminant d'autres catégories de documents de voyage et une autre classe de visa;

Après examen et adoption par le Conseil des Ministres, en sa séance du 03/04/2019;

**ARRÊTE:**

**CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GENERALES**

**Article premier: Objet du présent arrêté**

L'objet du présent arrêté est repris ci-après:

- 1° prévoir les modalités de reconnaissance d'un document de voyage délivré par une organisation intergouvernementale ou internationale;
- 2° déterminer d'autres conditions d'entrée et de sortie au Rwanda;
- 3° prévoir les conditions d'entrée et de sortie du Rwanda d'une personne décédée;
- 4° prévoir d'autres conditions de séjour et de résidence au Rwanda;

**Official Gazette no.Special of 30/05/2019**

- |   |  |   |
|---|--|---|
| 5° kugena inzego za viza n'iz'impushya zo kuba mu Rwanda;   | 5° to provide for classes of visas and residence permits;  | 5° prévoir les classes de visa et permis de séjour;   |
| 6° gushyiraho uburyo bukurikizwa mu gusaba umunyamahanga uri mu Rwanda binyuranyije n'amategeko kuva mu gihugu, ndetse n'uko yongera kwemererwa kugaruka mu gihugu; | 6° to determine the procedure under which an irregular foreigner who is in Rwanda may be required to leave the country as well as procedures to authorise him or her re-entry; | 6° déterminer la procédure suivie pour demander à un étranger en situation irrégulière au Rwanda de quitter le pays ainsi que les procédures de l'autoriser à rentrer dans le pays; |
| 7° gushyiraho ibikurikizwa mu kwirukana no kuvana umunyamahanga mu Rwanda;  | 7° to determine the procedure for expulsion and deportation of a foreigner from Rwanda;  | 7° déterminer la procédure d'expulsion et de déportation d'un étranger du Rwanda;   |
| 8° gushyiraho ibindi byiciro by'inyandiko z'inzira z'u Rwanda;  | 8° to determine other possible categories of Rwandan travel documents;   | 8° déterminer d'autres catégories de documents de voyage rwandais;  |
| 9° kugena abemerewe guhabwa pasiporo y'abanyacyubahiro;   | 9° to determine persons entitled to a diplomatic passport;   | 9° déterminer les personnes qui ont droit au passeport diplomatique;  |
| 10° kugena ikindi gihugu aho <i>laissez-passer</i> yakoreshwa;  | 10° to provide for another country within which a <i>laissez-passer</i> may be used;   | 10° prévoir un autre pays dans lequel un laissez-passer peut être utilisé;  |
| 11° gushyiraho ibikurikizwa mu gutanga urwandiko rw'inzira rw'ingoboka;   | 11° to determine the procedure for issuance of an emergency travel document;   | 11° déterminer la procédure de délivrance d'un document de voyage d'urgence;  |
| 12° gushyiraho uburyo n'ibikurikizwa mu gutanga urwandiko rw'inzira rw'impunzi;   | 12° to determine modalities and procedures for the issuance of refugee travel document;  | 12° déterminer les modalités et la procédure de délivrance du titre de voyage pour réfugiés;  |
| 13° kugena ikiguzi n'ibindi bisabwa ku itangwa ry'inyandiko z'inzira z'u Rwanda;  | 13° to provide for fees and other requirements for issuance of Rwandan travel document;  | 13° prévoir les frais et conditions de délivrance des documents de voyage rwandais;   |

14° kugena uburyo umuntu ahabwa urundi rwandiko rw'inzira, nyuma yo gutakaza urwo yari afite;

15° kugena uburyo bwo guhagarika abantu by'igihe gito ndetse n'uburenganzira bwabo mu gihe hakorwa iperereza ryimbitse;

16° kugena amakosa n'ibihano byo mu rwego rw'ubutegetsi bijyanye no kutubahiriza ibiteganywa n'itegeko ryerekeye abinjira n'abasohoka mu Rwanda.

14° to provide for modalities of re-issuance of another travel document after loss of the previous one;

15° to provide for modalities of provisional interception of persons and their rights during further investigations;

16° to determine administrative faults and sanctions for non compliance with provisions of the law on immigration and emigration in Rwanda.

14° prévoir les modalités de remise d'un autre document de voyage après la perte du précédent ;

15° prévoir les modalités d'intercepter provisoirement les personnes et leurs droits au cours de l'enquête approfondies;

16° déterminer les fautes et sanctions administratives en rapport avec le non respect des dispositions de la loi sur l'immigration et émigration au Rwanda.

**Ingingo    va    2:    **Ibisobanuro**  
**by'amagambo****

Muri iri teka, amagambo akurikira asobanuwe ku buryo bukurikira:

1° **umuntu mukuru:** umuntu ufite cyangwa urengeje imyaka cumi n'umunani (18) y'amavuko;

2° **imbibi:** inkiko z'Igihugu cya Repubulika y'u Rwanda;

3° **umupaka:** ahantu hagenwe n'amategeko, umuntu anyura yinjira cyangwa asohoka mu Gihugu;

4° **umwana:** umuntu ufite muni y'imyaka cumi n'umunani (18) y'amavuko;

**Article 2: Definitions**

In this Order, the following terms are defined as follows:

1° **adult:** a person who is eighteen (18) years old and above;

2° **border:** national boundaries of the Republic of Rwanda;

3° **border post:** a place prescribed by law where a person passes when entering or exiting the country;

4° **child:** a person who is below eighteen (18) years old;

**Article 2: Définitions**

Aux fins du présent arrêté, les termes repris ci-après sont définis comme suit:

1° **adulte:** une personne qui a dix-huit (18) ans et plus;

2° **frontière:** frontières nationales de la République du Rwanda;

3° **poste-frontière:** endroit désigné par la loi où une personne passe en entrant ou en sortant du pays;

4° **enfant:** une personne qui a moins de dix-huit (18) ans;

**Official Gazette no.Special of 30/05/2019**

- 5° **Ubuyobozi Bukuru:** Ibiro Bikuru bishinzwe Abinjira n'Abasohoka mu Rwanda;
- 6° **Umuyobozi Mukuru:** ukuriye Ibiro Bikuru bishinzwe Abinjira n'Abasohoka mu Rwanda;
- 7° **ofisiye wa Imigarasiyo:** umukozi w'Ubuyobozi Bukuru bw'Abinjira n'Abasohoka mu Rwanda ufite ububasha bwo gushyira mu bikorwa ibiteganywa n'itegeko rigenga abinjira n'abasohoka mu Rwanda;
- 8° **umukoresha:** umuntu ku giti cye, ugengwa n'amasezerano y'akazi nk'umukoresha, umuyobozi mukuru w'ikigo cyangwa w'isosiyete bifite ubuzimagatozi cyangwa ubihagarariye imbere y'amategeko cyangwa uweguriwe ububasha ku birebana n'abakozi;
- 9° **umushoramari:** umunyamahanga ushura imari mu Rwanda nk'uko biteganywa n'itegeko rigenga ishoramari mu Rwanda;
- 10° **uwikorera:** umuntu ufite ikigo cy'ubucuruzi ariko utabarwa nk'umushoramari;
- 5° **Directorate General:** the Directorate General of Immigration and Emigration in Rwanda;
- 6° **Director General:** the Head of Directorate General of Immigration and Emigration in Rwanda;
- 7° **immigration officer:** an officer of the Directorate General of Immigration and Emigration who has the authority to enforce provisions of the law on immigration and emigration in Rwanda;
- 8° **employer:** an individual bound by an employment contract as an employer, or head of an institution or company with legal personality or its legal representative or the person to whom powers in relation to employees have been delegated;
- 9° **investor:** a foreigner who invests in Rwanda as provided for by the law governing investment in Rwanda;
- 10° **entrepreneur:** owner of an enterprise but who is not categorised as an investor;
- 5° **Direction Générale:** Direction Générale chargée de l'Immigration et Émigration au Rwanda;
- 6° **Directeur Général:** le chef de la Direction Générale chargée de l'Immigration et Émigration au Rwanda;
- 7° **officier d'immigration:** agent de la Direction Générale de l'Immigration et Émigration habilité à mettre en application les dispositions de la loi sur l'immigration et émigration au Rwanda;
- 8° **employeur:** personne physique liée par un contrat de travail en tant qu'employeur, un responsable d'une institution ou d'une société dotée de la personnalité juridique ou son représentant légal ou la personne qui a reçu la délégation de pouvoirs en matière du personnel;
- 9° **investisseur:** un étranger qui investit au Rwanda en conformité avec la loi régissant les investissements au Rwanda;
- 10° **entrepreneur:** propriétaire d'une entreprise mais qui n'est pas qualifié d'investisseur;

- 11° **umuryango:** umugabo n'umugore bashyingiranywe mu buryo bwemewe n'amategeko abana babo batarageza ku myaka cumi n'umunani (18) cyangwa bari hagati y'imyaka cumi n'umunani (18) na makumyabiri n'itanu (25) y'amavuko mu gihe bakiga kandi batarashyingirwa;
- 11° **family:** a man and a woman who are legally married, including their children who are under eighteen (18) years old or aged between eighteen 18 and twenty-five (25) years if they are still pursuing full-time education and are unmarried;
- 11° **famille:** un homme et une femme légalement mariés, y compris leurs enfants âgés de moins de dix-huit (18) ans ou âgés entre dix-huit (18) et vingt-cinq (25) ans qui poursuivent encore en plein temps leurs études étant non mariés;
- 12° **ugize umuryango wa hafi:** umuntu wo mu muryango ubarirwa mu rwego rwa kabiri nk'uko biteganywa n'itegeko rigenga abantu n'umuryango;
- 12° **close relative:** a family member who is in the second degree of kinship as provided for by the law governing persons and family;
- 12° **membre de famille proche:** membre de famille au second degré de parenté tel que prévu par la loi régissant les personnes et la famille;
- 13° **undi ushobora gufatwa nk'ugize umuryango:** ufitanye isano y'ubuvandimwe, utunzwe n'umwe cyangwa bombi mu bashyingiranwe mu gihe byemejwe n'Ubuyobozi Bukuru;
- 13° **another person who may be considered as a family member:** a relative or a dependent of one or both spouses as may be approved by the Directorate General;
- 13° **autre personne pouvant être considérée comme membre de la famille:** une personne ayant des liens de parenté avec l'un des époux, une personne à charge d'un ou de deux conjoints selon l'appréciation de la Direction Générale;
- 14° **utunzwe:** ugize umuryango, ugize umuryango wa hafi n'undi ushobora gufatwa nk'ugize umuryango nk'uko biteganywa n'iri teka;
- 14° **dependent:** family member, close relative or any other person who may be considered as a family member as provided for by this Order;
- 14° **personne à charge:** membre de famille, membre de famille proche et toute autre personne pouvant être considérée comme membre de la famille comme prévu par le présent arrêté;
- 15° **umunyamahanga:** umuntu wese udafite ubwenegihugu nyarwanda;
- 15° **foreigner:** any person who does not hold Rwandan nationality;
- 15° **étranger:** toute personne qui n'est pas de nationalité rwandaïse;

- 16° **umunyamahanga uba mu Rwanda:** umunyamahanga ufite uruhushya rwo kuba mu Rwanda rw'igihe giteganyijwe cyangwa kidateganyijwe;
- 16° **resident:** a foreigner holding a temporary or permanent residence permit in Rwanda;
- 16° **résident:** un étranger qui détient un permis de séjour au Rwanda à titre temporaire ou permanent;
- 17° **impunzi:** umuntu wahunze Igihugu cye nk'uko bisobanurwa n'Amasezerano mpuzamahanga yerekeye impunzi yo ku wa 28 Nyakanga 1951;
- 17° **refugee:** a person having fled his or her country as defined by the Convention of 28 July 1951 relating to the Status of Refugees;
- 17° **réfugié:** une personne ayant fui son pays au sens de la Convention du 28 juillet 1951 relative au statut des réfugiés;
- 18° **pasiporo:** urwandiko rw'inzira rwemewe n'amategeko mpuzamahanga;
- 18° **passport:** a travel document recognised by international laws;
- 18° **passeport:** un document de voyage reconnu par les lois internationales;
- 19° **laissez-passer:** urwandiko rw'inzira rusimbura pasiporo ruhabwa Umunyarwanda ujya mu bihugu byo mu karere u Rwanda rurimo, hakurikijwe ubwumvikane ibyo bihugu byagiranye n'u Rwanda;
- 19° **laissez-passer:** a travel document issued in lieu of a passport to a Rwandan traveling to countries in the region in accordance with existing agreements among such countries and Rwanda;
- 19° **laissez-passer:** un document de voyage tenant lieu de passeport délivré à un Rwandais qui se rend dans les pays de la région conformément aux accords entre ces pays et le Rwanda;
- 20° **ASC/CEPGL:** *Autorisation Spéciale de Circulation/Communauté Economique des Pays des Grands Lacs:* urwandiko rw'inzira ruhabwa Umunyarwanda cyangwa umunyamahanga uba mu Rwanda byemewe n'amategeko, rukamwemerera kujya mu bihugu bigize Umuryango w'Ubukungu w'Ibihugu by'Ibiyaga Bigari hakurikijwe amasezerano byagiranye;
- 20° **ASC/CEPGL:** *Autorisation Spéciale de Circulation/Communauté Economique des Pays des Grands Lacs:* a travel document issued to a Rwandan, or a foreigner legally residing in Rwanda, allowing him or her to travel to member States of the Economic Community of the Great Lakes Countries and in accordance with the existing agreements signed among such countries;
- 20° **ASC/CEPGL:** *Autorisation Spéciale de Circulation/Communauté Economique des Pays des Grands Lacs:* un document de voyage délivré à un Rwandais ou un étranger résidant légalement au Rwanda lui permettant de se rendre dans les pays membres de la Communauté Economique des Pays des Grands Lacs conformément aux accords en vigueur entre ces pays;



- 21° **urwandiko rw'inzira rw'impunzi:** urwandiko rw'inzira ruhabwa umunyamahanga wahawe ubuhungiro mu Rwanda;
- 21° **refugee travel document:** a travel document that is issued to a foreigner who has been granted refugee status in Rwanda;
- 21° **titre de voyage pour réfugié:** un document de voyage accordé à un étranger auquel le statut de réfugié au Rwanda a été accordé;
- 22° **viza:** uruhushya ruhabwa umunyamahanga, ruri mu buryo bwemejwe, rumwemerera kwinjira akaguma mu Rwanda, akahaba mu gihe no mu buryo biteganyijwe;
- 22° **visa:** a permission granted to a foreigner in a prescribed format, authorising him or her to enter and stay in Rwanda within prescribed period of time and conditions;
- 22° **visa:** permission donnée à un étranger dans un format prescrit, lui accordant l'autorisation d'entrer et de séjourner au Rwanda dans les délais et conditions prescrits;
- 23° **ikarita y'umunyamahanga:** ikarita iranga umunyamahanga uba mu Rwanda;
- 23° **resident's identity card:** card identifying a foreigner who resides in Rwanda;
- 23° **carte d'identité pour étranger:** carte qui identifie un étranger qui réside au Rwanda;
- 24° **uruhushya rwo kuba mu Rwanda:** uruhushya ruha umunyamahanga uburenganzira bwo kuba mu Rwanda igihe giteganyijwe cyangwa kidateganyijwe, ku mpamvu zitari izo gusura;
- 24° **residence permit:** a permission allowing a foreigner to reside in Rwanda for a specified or unspecified period of time and for purposes other than visit;
- 24° **permis de séjour:** permission accordant à un étranger le droit de résider au Rwanda pour une durée déterminée ou indéterminée pour des raisons autres que celles de visite;
- 25° **kuvana umunyamahanga mu gihugu:** igikorwa kigamije kuvana umunyamahanga mu Rwanda ku ngufu;
- 25° **deportation:** an action aimed at forcing a foreigner to leave Rwanda;
- 25° **déportation:** le fait de contraindre un étranger à quitter le Rwanda;
- 26° **umuryango wo mu karere cyangwa ihuriho risonewe kwishyura viza:** umuryango wo mu karere cyangwa ihuriho u Rwanda rubereye umunyamuryango, bifite amasezerano yo gusonerwa kwishyura viza.
- 26° **regional organisation or community with free visa:** a regional organisation or community to which Rwanda is a party, and within which a visa fee exemption arrangement was concluded.
- 26° **organisation régionale ou communauté soumise au visa gratuit:** organisation régionale ou communauté à laquelle le Rwanda est partie et dans laquelle un accord d'exemption du paiement de visa a été conclu.

**UMUTWE WA II: KWINJIRA, GUTAMBUKA NO GUSOHOKA MU RWANDA**

**CHAPTER II: ENTRY INTO, TRANSIT AND EXIT FROM RWANDA**

**CHAPITRE II: ENTRÉE, TRANSIT ET SORTIE DU RWANDA**

**Ingingo ya 3: Kwinjira mu Rwanda**

Umunyamahanga winjira mu Rwanda, agomba kuba afite urwandiko rw'inzira rufite agaciro kandi rwemewe mu Rwanda na viza cyangwa uruhushya rwo kuba mu Rwanda.

Kwinjira mu Rwanda bikorerwa ku mupaka.

Haseguriwe uburyo bwihariye bwo korohereza abatariye imbibi, umuntu winjiye mu Rwanda akurikiza uburyo n'amabwiriza bigenga umupaka.

**Ingingo ya 4: Kwinjira no gusohoka k'umwana**

Byiyongereye ku bindi bisabwa muri rusange, umwana ushaka gusohoka hanze y'u Rwanda aherekezwa n'umwe mu babeyi be, umwishingizi we cyangwa undi muntu wabihereye ububasha n'ababyeyi cyangwa n'umwishingizi b'umwana.

Isosiyete y'ubucuruzi itwara abantu yemererwa gutwara umwana udaherekejwe, igihe igaragaza gihamya y'ukwemera kw'ababyeyi cyangwa kw'umwishingizi b'umwana kandi

**Article 3: Entry into Rwanda**

A foreigner who enters into Rwanda must have a valid travel document recognised in Rwanda and a visa or a resident permit.

Entry into Rwanda is done through a border post.

Subject to special facilitation for border communities, a person entering Rwanda complies with border post formalities and procedures.

**Article 4: Entry and exit of a child**

In addition to other general requirements, a child who intends to exit from Rwanda is accompanied by one of his or her parents, his or her guardian or another person authorised by the child's parents or guardian.

A transport company is authorised to transport an unaccompanied child, as long as it proves the consent from the child's parents or guardian and undertakes to assume the responsibility for the child's

**Article 3: Entrée au Rwanda**

Un étranger qui entre au Rwanda doit avoir un document de voyage valable reconnu au Rwanda et un visa ou permis de résidence.

L'entrée au Rwanda se fait au poste-frontière.

Sous réserve de la facilitation spéciale offerte aux membres des communautés frontalières, un étranger entrant au Rwanda respecte toutes les formalités et procédures de la frontière.

**Article 4: Entrée et sortie d'un enfant**

Outre les autres conditions générales, un enfant qui a l'intention de sortir du Rwanda est accompagné par l'un de ses parents, son tuteur ou toute autre personne autorisée par le parent ou le tuteur de l'enfant.

Une société de transport est autorisée à transporter un enfant non accompagné, à condition qu'elle prouve le consentement des parents ou le tuteur de l'enfant et

**Official Gazette no.Special of 30/05/2019**

ikemera inshingano yo gutwara uwo mwana. travel.

s'engage à assumer la responsabilité du voyage de l'enfant.

Umwana udaherekejwe winjira mu Rwanda asabwa kwerekana ku mupaka imyirondoro y'uzamwakira mu Rwanda wemejwe n'ababyeyi be cyangwa umwishingizi we.

An unaccompanied child who enters into Rwanda is required to provide on border post, the details of a host in Rwanda approved by his parents or his or her guardian.

Un enfant non accompagné qui entre au Rwanda doit fournir au poste-frontière les détails d'un hôte au Rwanda approuvé par ses parents ou son tuteur.

Ukwemera gusabwa muri iyi ngingo kwemezwa n'inyandiko mpeshabubasha iriho umukono w'umunoteri cyangwa yateweho kashe y'Ubuyobozi Bukuru.

A consent required under this Article is evidenced by a power of attorney either notarized or stamped by the Directorate General.

L'autorisation requise en vertu du présent article est prouvée par une procuration notariée ou portant le cachet de la Direction Générale.

Ubuyobozi Bukuru butanga amabwiriza akena ibisabwa by'inyongera ku kwinjira no gusohoka k'umwana hatitawe ku bwenegihugu bwe.

The Directorate General issues instructions determining additional requirements on entry and exit of a child, regardless of his or her nationality.

La Direction Générale émet les instructions déterminant les conditions additionnelles exigées d'entrée et sortie d'un enfant sans tenir compte de sa nationalité.

**Ingingo ya 5: Kwinjiza no gusohora umuntu wapfuye**

**Article 5: Entry and exit of a dead person**

**Article 5: Entrée et sortie d'une personne décédée**

Umuntu wapfuye yemerwa kwinjizwa mu Rwanda hamaze kwerekanwa gihamya ko uwapfuye yari afite ubwenegihugu nyarwanda n'icyemezo cy'urupfu.

A deceased is admitted into Rwanda upon presentation of a proof that the deceased was of Rwandan nationality and a death certificate.

Une personne décédée est admise au Rwanda sur présentation d'une preuve que le défunt était de nationalité rwandaise et d'un certificat de décès.

Iyo uwapfuye yari afite ubwenegihugu mvamahanga, yemerwa kwinjizwa mu Rwanda herekanwe icyemezo cy'urupfu n'icyemezo kigaragaza ko inzego z'u Rwanda zibifitiye ububasha zemeye ko uwapfuye ashyingurwa mu Rwanda.

In case a deceased had a foreign nationality, he or she is admitted to Rwanda upon presentation of a death certificate and an authorisation from relevant Rwandan authorities that allows the dead person to be buried in Rwanda.

Dans le cas où une personne décédée avait une nationalité étrangère, elle est admise au Rwanda sur présentation d'un certificat de décès et une autorisation de l'autorité compétente rwandaise acceptant qu'elle soit enterrée au Rwanda.

Umuntu wapfuye yemerwa gusohorwa mu Rwanda, herekanwe icyemezo cy'ubwengehugu yari afite, icyemezo cy'urupfu n'icyemezo kigaragaza ko abahagarariye igihugu umuntu wapfuye yoherezwamo bemera ko yinjizwa muri icyo gihugu nta mananiza.

Ofisiye wa imigarasiyo ku mupaka aenzura uwapfuye mbere y'uko yinjizwa cyangwa asohorwa mu Rwanda.

**Ingingo ya 6: Gutambuka mu Rwanda**

Haseguriwe ubwumvikane bwihariye hagati y'ibihugu, umunyamahanga ushaka gutambuka mu Rwanda aciye ku butaka agomba kubiharerwa viza yo gutambuka.

Umunyamahanga utambuka mu Rwanda aciye ku butaka agomba kugaragaza ibyangombwa bimwemerera kwinjira mu gihugu agiyemo.

Umunyamahanga utambuka mu Rwanda aciye ku kibuga cy'indege akomeza urugendo, asonerwa viza yo gutambuka mu gihe adasohoka mu nyubako y'ikibuga cy'indege. Icyakora, ashobora gusabwa kubahiriza andi mabwiriza agenga abinjira n'abasohoka.

Umunyamahanga utambuka mu Rwanda aciye ku kibuga cy'indege ntashobora

A deceased is allowed to exit Rwanda upon presentation of the proof of nationality of the deceased, a death certificate and an undertaking from the representative of the country of destination certifying that there are no restrictions for its admission into the country.

An immigration officer at the border post inspects the deceased before his or her admission to enter or exit Rwanda.

**Article 6: Transit through Rwanda**

Subject to special arrangement between countries, a foreigner who intends to transit through Rwandan territory must have a transit visa.

A foreigner who transits through Rwandan territory must have required documents for entry in the country of destination.

A foreigner who transits Rwanda through the airport to continue his or her travel is exempted from transit visa, so long as he or she does not exit the airport premises. However, he or she may be subjected to other immigration formalities.

A foreigner who transits Rwanda through the airport does not exceed twenty-four (24) hours.

Une personne décédée est admise à sortir du Rwanda sur présentation d'une preuve de la nationalité qu'elle avait, son certificat de décès et un engagement des représentants du pays de destination attestant qu'il n'y a aucune restriction pour son admission dans le pays.

Un officier d'immigration au poste frontière inspecte la personne décédée avant son admission à l'entrée ou sortie du Rwanda.

**Article 6: Transiter par le Rwanda**

Sous réserve d'un arrangement spécial entre les pays, un étranger qui a l'intention de transiter par le territoire rwandais doit obtenir un visa de transit.

Un étranger qui transite par le territoire rwandais doit avoir les documents requis pour entrer au pays de destination.

Un étranger qui transite par le Rwanda à travers l'aéroport pour continuer son voyage est exempté de visa de transit, à condition qu'il ne quitte pas les locaux de l'aéroport. Toutefois, il peut être soumis à d'autres formalités d'immigration.

Un étranger qui transite par le Rwanda à travers l'aéroport ne dépasse pas vingt-quatre (24) heures.

kuhaguma mu gihe kirenze amasaha makumyabiri n'ane (24).

Umunyamahanga utambuka mu Rwanda aciye ku kibuga cy'indege ariko akananirwa gukomeza urugendo kubera ihinduka rya gahunda y'ingendo z'indege, ikirere kibi cyangwa indi mpamvu yumvikana, asonerwa viza yo kwinjira mu Rwanda mu gihe kitarenze amasaha mirongo irindwi n'abiri (72). Iyo bibaye ngombwa, iki gihe gishobora kongerwa n'Ubuyobozi Bukuru. icyakora iri sonerwa ntirireba umunyamahanga witinza nkana kugenda ku mpamvu ze bwite.

Iri sonerwa rihariwe gusa umunyamahanga udafite indi ndege yahita imujyana kandi rirangira igihe habonekeye indege ya mbere igana aho ajya.

### **Ingingo ya 7: Gusohoka mu Rwanda**

Umuntu ushaka gusohoka mu Rwanda agomba kuba afite urwandiko rw'inzira rufite agaciro kandi rwemewe mu Rwanda ndetse n'ibindi bisabwa kugira ngo yemererwe kwinjira mu gihugu agiyemo.

Umuntu usohoka mu Rwanda agomba gukurikiza amabwiriza n'ibikurikizwa ku mupaka.

A foreigner who transits Rwanda through the airport but is inconvenienced to continue his or her travel due to changes in flight schedule, bad weather conditions or any other justifiable reason, is exempted from visa to enter into Rwanda for a period not exceeding seventy-two (72) hours. Where necessary, this period may be extended by the Directorate General. However, this exemption is not offered to a foreigner who deliberately delays his or her departure for his or her own reasons.

This exemption is exclusively offered to a foreigner who has no direct flight and ends upon availability of the first flight to his or her destination.

### **Article 7: Exit from Rwanda**

A person who intends to exit from Rwanda must have a valid travel document recognised by Rwanda and other required documents for entry to the country of destination.

A person who exits from Rwanda must comply with border formalities and procedures.

Un étranger qui transite par le Rwanda à travers l'aéroport mais qui est incommodé de continuer son voyage en raison d'horaires de vol, de mauvaises conditions météorologiques ou pour toute autre raison justifiable, est exempté du visa d'entrée au Rwanda pour une période n'excédant pas soixante douze (72) heures. Si nécessaire, ce délai peut être prolongé par la Direction Générale. Toutefois, cette exemption n'est pas offerte à un étranger qui retarde délibérément son départ pour ses propres raisons.

Cette exemption est exclusivement offerte à un étranger qui n'a pas de vol direct et se termine à la disponibilité du premier vol vers sa destination.

### **Article 7: Sortie du Rwanda**

Une personne qui a l'intention de sortir du Rwanda doit avoir un document de voyage valable reconnu Rwanda et les autres documents requis pour entrer dans le pays de destination.

Une personne qui sort du Rwanda doit respecter les formalités et procédures de la frontière.

**Ingingo ya 8: Guhagarika umugenzi by'igihe gito**

Umugenzi ashobora guhagarikwa by'igihe gito ku mpamvu zikurikira:

- 1° iyo hakekwa ko ari umunyacyaha cyangwa yakorewe icyaha icyo ari cyo cyose;
- 2° iyo hari iperereza ririmo kumukorwaho.

**Ingingo ya 9: Uburenganzira bw'umugenzi wahagaritswe by'igihe gito ku mupaka**

Uburenganzira bw'umugenzi wahagaritswe by'igihe gito ku mupaka ni ubu bukurikira:

- 1° kumenyeshwa impamvu z'ihagarikwa rye;
- 2° kumenyeshya umwunganira n'undi wese yashaka kubimenyeshya;
- 3° ifunguro;
- 4° icumbi n'ubwiherero bitandukanye ku bagabo, ku bagore no ku bana badafite umuherekeza bifite isuku kandi bishobora gukoreshwa;
- 5° ubuvuzi.

**Article 8: Provisional interception of a traveller**

A traveller may be provisionally intercepted for the following reasons:

Le titre de voyage pour réfugié est valable pour une période de cinq (5) ans.



**Ingingo ya 35: Urwandiko rw'inzira rw'abatariye imbibi**

Urwandiko rw'inzira rw'abatariye imbibi ruhabwa Umunyarwanda uturiye imbibi z'u Rwanda rukamufasha kujya mu bihugu bihana imbibi n'u Rwanda.

Urwandiko rw'inzira rw'abatariye imbibi rusabirwa, rugatangirwa kandi rugakoreshwa gusa ku mupaka cyangwa ahandi hanyurwa urusaba aturiye.

Imikoreshereze y'urwandiko rw'inzira rw'abatariye imbibi iteganywa n'amasezerano u Rwanda rugirana n'igihugu bihana imbibi.

Kuba umuntu aturiye umupaka bigenwa hashingiwe ku cyangombwa gitangwa n'ubuyobozi bw'inzego z'ibanze cyemeza ko ugifite ahatuye.

Uruhushya rw'inzira rw'abatariye imbibi rukoresha ku rugendo rumwe gusa kandi ntirurenga akarere k'umupaka yinjiriyemo.

**Ingingo ya 36: Izindi nyandiko z'inzira zikoreshwa nk'inyandiko z'inzira**

Indangamuntu cyangwa Ikarita y'ishuri zikoreshwa nk'inyandiko z'inzira mu bihugu byemeye ikoresha ryazo

**Article 35: Border pass**

A border pass is issued to a Rwandan who resides along the border area to facilitate his or her travel to countries bordering Rwanda.

The border pass is applied for, issued and only used at the nearest border post or a nearest recognised crossing point.

The use of border pass is provided for under the agreement between Rwanda and a bordering country.

The residence along the border area is determined based on a document issued by decentralised entities authorities recognising the holder as a resident.

The border pass is for a single travel and it does not go beyond the district of the entry point.

**Article 36: Other documents used as travel documents**

A national identity card or a student card are used as travel documents in countries which have accepted their use as travel documents through a bilateral or multilateral agreement

**Article 35: Laissez-passer frontalier**

Un laissez-passer frontalier est délivré à un Rwandais qui réside dans une zone frontalière afin de lui faciliter son voyage dans les pays limitrophes du Rwanda.

Le laissez-passer frontalier est demandé, délivré et utilisé seulement au poste-frontière le plus proche ou à un autre endroit de passage reconnu le plus proche du demandeur.

L'utilisation du laissez-passer frontalier est prévu par l'accord entre le Rwanda et un pays limitrophe.

La résidence au long de la zone frontalière est déterminée sur base d'un document délivré par les autorités des entités décentralisées reconnaissant le détenteur comme un résident.

Le laissez-passer frontalier est un document à voyage unique et ne va pas au-delà du district du point d'entrée.

**Article 36: Autres documents utilisés comme documents de voyage**

Une carte d'identité nationale ou une carte d'étudiant sont utilisées comme documents de voyage dans les pays qui ont accepté leur utilisation en tant que documents de

nk'inyandiko z'inzira biciye mu masezerano byagiranye n'u Rwanda.	with Rwanda.	voyage dans le cadre d'un accord bilatéral ou multilatéral avec le Rwanda.
Ikarita y'ishuri ikoresheya nk'urwandiko rw'inzira gusa ku umunyeshuri uri munsu y'imyaka cumi n'itandatu (16) y'amavuko.	The student card is used as a travel document only by a student below sixteen (16) years of age.	La carte d'étudiant est utilisée comme document de voyage seulement par un étudiant de moins de seize (16) ans.
<b><u>Icyiciro cya 2: Itangwa ry'inyandiko z'inzira z'u Rwanda</u></b>	<b><u>Section 2: Issuance of Rwandan travel documents</u></b>	<b><u>Section 2: Délivrance des documents de voyages rwandais</u></b>
<b><u>Ingingo ya 37: Gusaba no gutanga inyandiko z'inzira z'u Rwanda</u></b>	<b><u>Article 37: Application and issuance of Rwandan travel documents</u></b>	<b><u>Article 37: Demande et délivrance de documents de voyage rwandais</u></b>
Inyandiko z'inzira z'u Rwanda zisabirwa kandi zigatangirwa ku Biro by'Ubuyobozi Bukuru cyangwa ku biro bihagarariye u Rwanda mu mahanga.	Rwandan travel documents are applied for and issued at the office of the Directorate General or at the office of the diplomatic mission of Rwanda.	Les documents de voyage rwandais sont demandés et délivrés au bureau de la Direction Générale ou au bureau de la mission diplomatique du Rwanda.
Ibisabwa, igihe inyandiko z'inzira zitangwamo n'ahandi zishobora gusabirwa no gutangirwa bigenwa n'amabwiriza y'Ubuyobozi Bukuru.	Requirements, period of issuance of a travel document and other places where the documents may be applied for or issued are determined by the instructions of the Directorate General.	Les conditions, la période de délivrance des documents et autres endroits où la demande et délivrance des documents peuvent être effectués sont déterminés par les instructions de la Direction Générale.
<b><u>Ingingo ya 38: Igihe dosiye isaba urwandiko rw'inzira itakariza agaciro</u></b>	<b><u>Article 38: Validity of application file for a travel document</u></b>	<b><u>Article 38: Validité du dossier de demande de document de voyage</u></b>
Dosiye isaba urwandiko rw'inzira itakaza agaciro nyuma y'imyaka ibiri (2) ibarwa uherye umunsi wa nyuma w'ikurikirana rya dosiye hagamijwe kuzura ibisabwa. Nyuma y'aho, uwasabye urwandiko rw'inzira agomba kongera gusaba mu gihe agikeneye urwandiko rw'inzira.	The application file for travel document loses its validity after two (2) years from the date of the last follow-up made in order to fulfill the requirement. After this period, if the applicant still needs the travel document he or she lodges another application.	Le dossier de demande de tout document de voyage perd sa validité après deux (2) ans à compter de la dernière date de suivi du dossier en vue de remplir une condition requise. Après cette période, le demandeur qui a encore besoin du document de voyage doit déposer une autre demande.

**Ingingo ya 39: Gutunga pasiporo irenze imwe**

Umuntu ashobora gutunga pasiporo nyarwanda irenze imwe (1) yo mu cyiciro kimwe cyangwa ibyiciro bitandukanye mu gihe byemejwe n'Ubuyobozi Bukuru.

**Ingingo ya 40: Kumenyesha itakara ry'urwandiko rw'inzira**

Umuntu utakaje urwandiko rwe rw'inzira rugifite agaciro ari mu Rwanda, agomba kwihutira kubimenyesha ibiro bishinzwe abinjira n'abasohoka biri hafi.

Umuntu utakaje urwandiko rwe rw'inzira rw'u Rwanda rufite agaciro ari mu mahanga yihutira kubimenyesha inzego bireba muri icyo gihugu kandi akabimenyesha ibiro bihagarariye u Rwanda mu mahanga biri hafi cyangwa ku biro bishinzwe abinjira n'abasohoka mu gihugu.

Imenyekanisha ry'itakara rifungura iperereza ku buryo urwandiko rw'inzira rwabuzemo.

**Ingingo ya 41: Ibikorikizwa mu kwemeza inyandiko z'inzira zatanze n'umuryango mpuzamahanga cyangwa umuryango uhuza ibihugu**

Umuryango mpuzamahanga cyangwa umuryango uhuza ibihugu wifuzako

**Article 39: Holding more than one passport**

A person may hold more than one (1) Rwandan passport of the same or different category upon authorisation by the Directorate General.

**Article 40: Declaring loss of a travel document**

A person who loses his or her valid travel document while in Rwanda must immediately report to the nearest immigration office.

A person who loses his or her valid Rwandan travel document while abroad immediately reports the loss to relevant authorities in that country and endeavors to also report the loss to the nearest diplomatic mission of Rwanda or to a relevant immigration office.

Reporting such a loss opens investigations on how the document was lost.

**Article 41: Procedure for recognition of a travel document issued by an international or intergovernmental organisation**

An international or intergovernmental organisation that wishes to have its travel

**Article 39: Détenir plus d'un passeport**

Une personne peut détenir plus d'un (1) passeport rwandais de la même catégorie ou d'une catégorie différente sur autorisation de la Direction Générale.

**Article 40: Déclaration de perte d'un document de voyage**

Une personne qui perd son document de voyage valide étant au Rwanda doit immédiatement déclarer la perte au bureau d'immigration le plus proche.

Une personne qui perd son document de voyage rwandais valide étant à l'étranger doit le signaler immédiatement aux autorités compétentes de ce pays et signaler cette perte à la mission diplomatique du Rwanda la plus proche ou au bureau de l'immigration et émigration.

La déclaration de perte déclenche les investigations sur les circonstances de la perte.

**Article 41: Procédure de reconnaissance d'un document de voyage délivré par une organisation internationale ou intergouvernementale**

Une organisation internationale ou intergouvernementale qui souhaite que ses

inyandiko z'inzira zawo zemerwa mu Rwanda ugomba kubisaba mu buryo bwemewe muri Minisiteri ifite ububanyi n'amahanga mu nshingano zayo.

Minisiteri ifite ububanyi n'amahanga mu nshingano zayo ifatanyije n'Ubuyobozi Bukuru n'izindi nzego za Leta bigenzura niba bikwiye kwemera bene urwo rwandiko rw'Inzira mu gihe cy'iminsi mirongo cyenda (90) uhereye igihe baboneye ubwo busabe.

Mu gihe icyemezo cyo kwemeza urwandiko rw'inzira rutanzwe n'umuryango mpuzamahanga cyangwa umuryango uhuza ibihugu gifashwe, hasinywa amasezerano y'ubwumvikane hagati ya Leta y'u Rwanda n'umuryango mpuzamahanga cyangwa umuryango uhuza ibihugu wifuzako urwandiko rw'inzira utanga rwemerwa mu Rwanda.

**Ingingo ya 42: Uburyo bwo kumenyekanisha ibiranga urwandiko rw'inzira rw'ikindi gihugu**

Igihugu gikeneye kumenyekanisha ibiranga urwandiko rw'inzira rwacyo kibinyuza muri Minisiteri ifite ububanyi n'amahanga mu nshingano zayo, na yo ikabigeza ku Buyobozi Bukuru.

documents recognised in Rwanda makes formal application to the Ministry in charge of foreign affairs.

The Ministry in charge of foreign affairs in collaboration with the Directorate General and other public organs evaluate the appropriateness of the recognition of such a travel document within a period of ninety (90) days from the date of receipt of the application.

Once a decision to recognise the travel document issued by an international or intergovernmental organisation is taken, a memorandum of understanding is signed between the Government of Rwanda and an international or intergovernmental organisation seeking to have its travel document recognised in Rwanda.

**Article 42: Modalities of sharing the specimen of a country's travel document**

A country that wishes to share its travel document specimen does so through the Ministry in charge of foreign affairs that shares it to the Directorate General.

documents de voyage soient considérés au Rwanda doit adresser une demande officielle au Ministère ayant les affaires étrangères dans ses attributions.

Le Ministère ayant les affaires étrangères dans ses attributions, en collaboration avec la Direction Générale et d'autres organes de l'État, évalue la pertinence de la reconnaissance d'un tel document de voyage endéans quatre-vingt-dix (90) jours à compter de la date de réception de la demande.

Une fois qu'une décision de reconnaissance d'un document de voyage délivré par une organisation internationale ou intergouvernementale est prise, un mémorandum d'accord est signé entre le Gouvernement du Rwanda et une organisation internationale ou intergouvernementale qui souhaite que son document de voyage soit reconnu au Rwanda.

**Article 42: Modalités de communication du spécimen d'un document de voyage d'un pays**

Un pays qui désire communiquer le spécimen de son document de voyage le fait à travers le Ministère ayant les affaires étrangères dans ses attributions, qui le soumet à la Direction Générale.

**Ingingo ya 43: Amafaranga atangwa ku rwandiko rw'inzira**

Usaba urwandiko rw'inzira yishyura amafaranga arutangwaho, usibye pasiporo y'abanyacyubahiro n'iy'akazi zishyurwa n'urwego usaba akorera.

Amafaranga atangwa ku nyandiko z'inzira, viza, impushya n'izindi serivisi zijyanye na byo biri ku mugereka wa IV w'iri teka.

**UMUTWE WA VI: IMICUNGIRE Y'ABANYAMAHANGA MU RWANDA**

**Ingingo ya 44: Igenzura**

Ubuyobozi Bukuru bukora igenzura ry'uburyo abanyamahanga bubahiriza amategeko ajyanye n'abinjira n'abasohoka mu Rwanda.

**Ingingo ya 45: Uburyo bwo gutangaza ko umunyamahanga ari mu Rwanda binyuranyije n'amategeko**

Umunyamahanga uri mu Gihugu binyuranyije n'amategeko ashobora gusabwa kuva mu Gihugu.

Mbere yo kwemeza ko umunyamahanga ari mu Rwanda binyuranyije n'amategeko, amenyeshwa imiterere n'impamvu y'ibyo

**Article 43: Fees for a travel document**

The applicant pays the travel document fee, except diplomatic and service passports' fee that is borne by the applicant's responsible institution.

Fees related to travel documents, visas, permits and other related services is in Annex IV of this Order.

**CHAPTER VI: MANAGEMENT OF FOREIGNERS IN RWANDA**

**Article 44: Inspection**

The Directorate General conducts inspection on foreigners' compliance of immigration and emigration laws in Rwanda.

**Article 45: Procedure for declaration of an irregular foreigner in Rwanda**

An irregular foreigner in Rwanda may be required to leave the country.

Before being declared an irregular foreigner in Rwanda, the foreigner is informed of the nature and cause of all accusations against

**Article 43: Frais pour un documents de voyage**

Les frais de document de voyage sont à la charge du demandeur, à l'exception des frais de passeport diplomatique et de service qui sont supportés par l'institution responsable du demandeur.

Les frais des documents de voyage, visas, permis et autres services y relatifs sont en Annexe IV du présent arrêté.

**CHAPITRE VI: ADMINISTRATION DES ETRANGERS AU RWANDA**

**Article 44: Inspection**

La Direction Générale effectue l'inspection de la conformité des étrangers à la législation sur l'immigration et émigration au Rwanda.

**Article 45: Procédure de déclarer un étranger en situation irrégulière au Rwanda**

Un étranger en situation irrégulière au Rwanda peut être requis de quitter le pays.

Avant d'être déclaré étranger en situation irrégulière, un étranger est informé de la nature et de la cause de toutes les

**Official Gazette no.Special of 30/05/2019**

aregwa kandi agahabwa umwanya wo kwisobanura.	him or her and is given opportunity to defend himself or herself.	accusations portées contre lui et l'occasion de présenter sa défense lui est accordée.
Uko kwisobanura gukorerwa inyangikomvugo ishyirwaho umukono n'umukozi wamubajije ku byo akekwoho ndetse n'umunyamahanga ubwe.	Such a defense is documented and signed by the interviewing officer and the foreigner.	Une telle défense est documentée et signée par un agent enquêteur et l'étranger.
<b><u>Ingingo ya 46: Uburyo bwo gutangaza ko umunyamahanga atemewe mu gihugu</u></b>	<b><u>Article 46: Procedure for declaration of a prohibited foreigner</u></b>	<b><u>Article 46: Procédure de déclaration d'un étranger interdit</u></b>
Umunyamahanga ugizwe utemewe mu Rwanda ategukwa gusohoka mu Rwanda mu gihe kigenwe.	A foreigner who is declared prohibited is required to leave Rwanda in a prescribed time.	Un étranger déclaré interdit doit quitter le Rwanda dans un délai prescrit.
<b><u>Ingingo ya 47: Gusaba isubika ry'iyirukanwa</u></b>	<b><u>Article 47: Request for a stay of expulsion</u></b>	<b><u>Article 47: Demande de suspension d'une expulsion</u></b>
Umunyamahanga wategetswe kuva mu Rwanda afite uburenganzira bwo gusaba Ubuyobozi Bukuru isubika ry'iyirukanwa.	A foreigner who has been required to leave Rwanda has the right to seek a stay of the expulsion to the Directorate General.	Un étranger ayant été ordonné de quitter le Rwanda a le droit de demander à la Direction Générale de suspendre son expulsion.
Ubwo busabe bushobora kwemerwa hashingiwe ku mpamvu zumvikana zatanze n'uwirukanwa.	A request for a stay of expulsion may be granted upon convincing reasons given by the person subject to expulsion.	Une demande de suspension d'une expulsion peut être accordée pour des raisons convaincantes données par la personne soumise à l'expulsion.
Mu gihe isubika ryemejwe, icyo cyemezo gishobora guhagarikwa by'agateganyo, hasegurwe ibindi umunyamahanga yasabwa gukurikiza, Ubuyobozi Bukuru bubona ko bikwiriye.	Where a stay has been granted, an expelled foreigner may have the decision suspended for a determined period of time and subject to such conditions as the Directorate General considers appropriate.	Lorsqu'une suspension a été accordée, un étranger expulsé peut avoir la décision suspendue pour une période donnée et sous réserve des conditions que la Direction Générale estime appropriées.

Ubusabe bw'isubikwa ry'iyirukanwa ntibubangamira uburenganzira bwo kujurira.

**Ingingo ya 48: Kujuririra icyemezo cyo kugirwa utemerewe kwinjira mu gihugu, uri mu gihugu binyuranije n'amategeko cyangwa utemewe mu gihugu**

Umunyamahanga wagizwe utemerewe kwinjira mu gihugu, uri mu gihugu binyuranyije n'amategeko cyangwa utemewe mu gihugu afite uburenganzira bwo kujuririra icyo cyemezo ku Buyobozi Bukuru mu gihe cy'iminsi mirongo itatu (30) ibarwa uhereye ku munsu yamenyeshejweho icyo cyemezo.

Ubuyobozi Bukuru busubiza ku bujurire bwe mu gihe cy'iminsi cumi n'itanu (15). Ubwo bujurire ntibuhagarika ishyirwa mu bikorwa ry'icyo cyemezo.

Igihe ubujurire bwemewe ko bufite ishingiro, umunyamahanga akurirwaho burundu icyemezo cyamufatiwe cyangwa agahabwa n'Ubuyobozi Bukuru andi mabwiriza agomba kubahiriza.

A request for a stay of expulsion is made independently of the right to appeal.

**Article 48: Appeal against a declaration of inadmissibility, irregularity or prohibited foreigner**

A foreigner against whom a declaration of inadmissibility, irregularity or prohibited immigrant is made has the right to appeal to the Directorate General within a period of thirty (30) days from the date he or she is informed of such a decision.

The Directorate General responds to the appeal within fifteen (15) days. Such an appeal has no suspensive effect.

Where an appeal is successful, a foreigner against whom a declaration was made may either have the decision fully reversed or given other conditions to comply with as may be determined by the Directorate General.

Une demande de suspension d'une expulsion est introduite indépendamment du droit d'appel.

**Article 48: Recours contre une déclaration d'inadmissibilité, d'irrégularité ou d'un étranger interdit**

L'étranger contre qui une décision d'inadmissibilité, d'irrégularité ou immigrant interdit a été prise, a le droit de faire appel à la Direction Générale endéans trente (30) jours à compter de la date à laquelle il a été informé de cette décision.

La Direction Générale répond à l'appel endéans quinze (15) jours. Un tel appel n'a pas d'effet suspensif.

Lorsqu'un appel a abouti, l'étranger contre qui une déclaration a été faite peut soit faire annuler la décision, soit se conformer à d'autres conditions déterminées par la Direction Générale.

**Ingingo ya 49: Uburyo bwo kwirukana umunyamahanga no kugena igihugu ajyanwamo**

Umunyamahanga wirukanwe mu Rwanda kubera ko yari ahari binyuranyije n'amategeko cyangwa yagizwe utemewe n'amategeko, amenyeshwa mu nyandiko ko yirukanywe.

Umunyamahanga wirukanwe mu Rwanda ashobora gusubizwa mu gihugu akomokamo, yaturutsemo cyangwa akemererwa kujya mu gihugu yihitiyemo.

**Ingingo ya 50: Uburyo bwo kwemerera umunyamahanga wirukanwe mu gihugu kugaruka**

Umunyamahanga wirukanwe mu gihugu, iyo yifuje kugaruka mu Rwanda yandikira Ubuyobozi Bukuru asaba kubyemererwa.

Umunyamahanga wirukanwe ashobora kwemererwa kugaruka mu Rwanda iyo byemejwe n'Ubuyobozi Bukuru, hashingiwe ko impamvu zamuteye kuba mu gihugu binyuranyije n'amategeko zitakiriho.

**Ingingo ya 51: Uburyo bukurikizwa mu gusubiza inyuma umunyamahanga utemerewe kwinjira mu Rwanda**

Iyo umunyamahanga atemerewe kwinjira mu Rwanda, Ubuyobozi Bukuru butegeka

**Article 49: Procedure for expulsion of a foreigner and determination of returning country**

A foreigner expelled from Rwanda after being declared an irregular or a prohibited, is informed of his or her expulsion in writing.

A foreigner expelled from Rwanda may be allowed to return to his or her country of origin, the country where he or she came from or a country of his or her choice.

**Article 50: Procedure for authorisation for re-entry in the country to an expelled foreigner**

An expelled foreigner who wishes re-entry in Rwanda applies for it in writing to the Directorate General.

A foreigner expelled may be allowed re-entry in Rwanda upon approval by the Directorate General, in case of extinction of circumstances that led to his or her irregularity.

**Article 51: Procedure for returning an inadmissible person**

When a foreigner is declared inadmissible, the Directorate General orders the transport

**Article 49: Procédure d'expulser un étranger et détermination du pays d'accueil**

Un étranger expulsé du Rwanda à la suite d'une déclaration d'irrégularité ou en tant qu'interdit est informé, par écrit, de son expulsion.

Un étranger expulsé du Rwanda peut être autorisé de retourner dans son pays d'origine, le pays d'où il est venu, ou dans un pays de son choix.

**Article 50: Procédure d'autorisation de revenir au pays à un étranger expulsé**

Un étranger expulsé qui veut revenir au Rwanda adresse une demande écrite à la Direction Générale.

Un étranger expulsé peut être autorisé à revenir au Rwanda sur approbation de la Direction Générale, qui apprécie l'extinction des circonstances ayant conduit à son irrégularité.

**Article 51: Procédure de retourner une personne inadmissible**

Lorsqu'un étranger est déclaré inadmissible, la Direction Générale



**Official Gazette no.Special of 30/05/2019**

isosiye itwara abantu yamuzanye kumusubiza aho yamukuye.	company that brought him or her to return him or her.	ordonne à la société de transport l'ayant amené de le ramener.
Umunyamahanga ugomba gusubizwa aho yakuwe ashobora gucumbikirwa mu icumbi ryabigenewe mbere y'uko avanwa mu Rwanda.	A foreigner subject to return may be hosted in a specified premise before his or her return from Rwanda.	Un étranger qui doit être retourné peut être hébergé dans un logement spécifié avant son départ du Rwanda.
Utemerewe kwinjira mu Rwanda ntiyemerewe kurenza amasaha makumyabiri n'ane (24) atarasubizwa aho yakuwe, keretse iyo byemejwe ukundi.	An inadmissible person cannot exceed twenty-four (24) hours without being returned, unless determined otherwise.	Une personne inadmissible ne doit pas dépasser vingt-quatre (24) heures sans être ramenée, sauf décision contraire.
<b><u>Ingingo ya 52: Uburyo bukurikizwa mu kuvana umunyamahanga mu Rwanda</u></b>	<b><u>Article 52: Procedure for deportation</u></b>	<b><u>Article 52: Procédure de déportation</u></b>
Ubuyobozi Bukuru butegeka ivanwa mu Rwanda ry'umunyamahanga mu gihugu biciye mu cyemezo cyanditse.	The Directorate General orders a deportation through a deportation order.	La Direction Générale ordonne la déportation par une note de déportation.
Umunyamahanga ugomba kuvanwa mu Rwanda ashobora gucumbikirwa mu icumbi ryabigenewe mbere y'uko avanwa mu Rwanda.	A foreigner subject to deportation may be hosted in a specified premise before his or her deportation from Rwanda.	Un étranger susceptible d'être déporté peut être hébergé dans un logement spécifié avant son départ du Rwanda.
Umunyamahanga wagizwe utemerewe kwinjira mu gihugu cyangwa wasanzwe yinjiye mu Rwanda mu buryo bunyuranyije n'amategeko ashobora kuvanwa mu Rwanda ako kanya cyangwa nyuma yo kurangiza igihano yahawe.	A foreigner who has been declared inadmissible, or is found to have illegally entered Rwanda may be deported from Rwanda immediately or after serving his or her penalty.	Un étranger qui a été déclaré inadmissible ou qui est entré illégalement au Rwanda peut être déporté du Rwanda immédiatement ou après avoir purgé sa peine.

**Ingingo ya 53: Ikiguzi kijyanye no gusubizayo utemerewe kwinjira no kuvana mu Rwanda umunyamahanga**

Isosiyete itwara abantu yazanye umunyamahanga wagizwe utemerewe kwinjira mu Rwanda, yirengera ikiguzi cyo kumusubizayo no kumuvana mu Rwanda.

Mu gihe atakoresheje uburyo bwo gutwara abantu bw'isosiyete izwi, nyir'ubwite ni we wirengera ikiguzi cyo kumusubizayo no kumuvana mu Rwanda.

Ikiguzi cyo kuvana umunyamahanga ubonetse mu Rwanda ariko adashobora kugaragaza uburyo yinjiye mu Rwanda byemewe n'amategeko cyirengerwa na Leta mu gihe nyir'ubwite adafite ubushobozi bwo kwiyishyurira.

**Ingingo ya 54: Abenegihugu bakomoka mu bihugu biri mu miryango cyangwa ihuriro irenze umwe yemeranyije isonerana**

Mu gihe abenegihugu bakomoka mu bihugu biri mu miryango cyangwa ihuriro irenze umwe risonewe kwishyura viza ifitanye amasezerano y'isonerana n'u Rwanda, harebwa umuryango cyangwa ihuriro riha umunyamahanga amahirwe kurusha irindi.

**Article 53: Costs relating to the return of an admissible person or deportation**

The transport company that brought a foreigner declared inadmissible in Rwanda caters for costs relating to his or her return and deportation from Rwanda.

In case the person has not used any means of transport of a known transport company, he or she covers the costs of his or her return and deportation.

The costs of deportation of a foreigner found on the territory of Rwanda and who cannot establish the legality of his or her entry into Rwanda is borne by the Government of Rwanda only if the person is not capable to pay for him or herself.

**Article 54: Nationals from countries belonging to more than one organisation or community with waiver regime**

In case of nationals from countries belonging to more than one organisation or community with waiver regime to which Rwanda is a member, the one offering the most favorable treatment to a foreigner is considered.

**Article 53: Frais relatifs au retour d'une personne inadmissible ou à la déportation**

La société de transport qui a amené un étranger déclaré inadmissible au Rwanda se charge des frais liés au retour et à la déportation de cet étranger.

Si la personne n'a utilisé aucun moyen de transport d'une compagnie connue, elle couvre lui-même les frais relatifs à son retour et sa déportation.

Les frais de déportation d'un étranger trouvé sur le territoire rwandais et qui ne peut pas établir la légalité de son entrée au Rwanda sont à la charge de l'État rwandais seulement si la personne n'est pas capable de payer pour elle-même.

**Article 54: Citoyens des pays appartenant à plus d'une organisation ou communauté ayant un régime d'exonération**

En cas des ressortissants du pays appartenant à plus d'une organisation ou communauté soumise au régime d'exonération dont le Rwanda fait partie, celle qui offre le traitement le plus favorable à l'étranger est prise en considération.

**Ingingo ya 55: Urujya n'uruza mu mijyi ihana imbibi**

Bitabangamiye amabwiriza abigenga, urujya n'uruza rw'abantu mu mijyi ibiri ihana imbibi kandi ihuriye ku mupaka umwe rugengwa n'amabwiriza ashyirwaho n'Ubuyobozi Bukuru.

**Ingingo ya 56: Umwana w'umunyamahanga uvukiye ku butaka bw'u Rwanda**

Umwana w'umunyamahanga uvukiye mu Rwanda, ahabwa igihe kingana n'umwaka umwe (1) uhereye ku itariki yavukiyeho; cyo kuba yamaze kubona ibyangombwa ndetse n'uruhushya bimwemerera kuba mu Rwanda mu buryo bwemewe n'amategeko.

**Ingingo ya 57: Amakuru y'abagenzi n'itsinda ry'abakozi**

Isosiyete itwara abantu itanga amakuru arebana n'abagenzi itwaye n'itsinda ry'abakozi mbere yo kwinjira cyangwa gusohoka mu gihugu.

Ayo makuru ashobora gutangwa mu buryo bw'umwirondoro wuzuye w'umugenzi utangwa mu buryo bwihuse, izina ry'umugenzi n'ibyerekeye urugendo rwe, uburyo ayo makuru akoresheya, arinzwe, atangwa n'isangizwa ryayo biteganywa n'amategeko abigenga.

**Article 55: Movement of persons in adjacent cities**

Without prejudice to relevant regulations; movement of persons in two adjacent cities or towns along a common border is regulated by instructions issued by the Directorate General.

**Article 56: Child born to a foreigner in Rwanda**

A child born to a foreigner in Rwanda is given one year (1) period from the date of birth to obtain relevant documents and permit allowing him or her to legally stay in Rwanda.

**Article 57: Passengers and crew information**

A transport company transmits in advance all information relating to its passengers and crew before entry or departure from the country.

Such information may be in form of advance passenger information and names or any journey record; of which usage, privacy, transmission and sharing modalities are determined by relevant laws.

**Article 55: Mouvement des personnes dans les villes adjacentes**

Sans préjudice des règlements en la matière, le mouvement des personnes dans deux villes frontalières est régi par des instructions émises par la Direction Générale.

**Article 56: Enfant né d'un étranger au Rwanda**

Un enfant né d'un étranger au Rwanda dispose d'une (1) année dès la date de sa naissance pour obtenir les documents nécessaires et le permis de séjour lui permettant de séjourner légalement au Rwanda.

**Article 57: Informations sur les passagers et membres d'équipage**

Une société de transport transmet en avance toutes les informations relatives à ses passagers et à ses membres d'équipage avant son entrée ou son départ du pays.

Ces informations peuvent être sous forme d'informations préalables sur les passagers, les noms et les données sur le voyage; dont les modalités d'utilisation, la confidentialité, la transmission et le partage sont déterminés par la législation en la matière.

Igihe cyo gutanga raporo n'imiterere y'ayo makuru bigenwa n'amabwiriza y'Ubuyobozi Bukuru.

Reporting timelines and format of the information required are provided by the instructions of the Directorate General.

La période dans laquelle le rapport est transmis et le format des informations requises sont prévus par les instructions de la Direction Générale.

Ubuyobozi Bukuru, bubinyujije kuri Goverinoma, bushobora gukorana amasezerano y'ubufatanye n'igihugu cyangwa umuryango ku byerekeranye n'itunganywa, n'iyoherezwa ry'ayo makuru atangwa na sosiyete z'ubwikorezi z'indege.

The Directorate General through the Government may enter into agreement with countries and a community on processing and transfer of Passenger Name Record data by air carriers and Advance Passenger Information.

La Direction Générale à travers le Gouvernement peut entrer en accord avec les pays ou une communauté à propos de la préparation et transfert des données relatives aux informations sur les passagers fournis par les compagnies de transport aérien.

**UMUTWE WA VII: AMAKOSA N'IBIHANO BYO MU RWEGO RW'UBUTEGETSI**

**CHAPTER VII: ADMINISTRATIVE FAULTS AND SANCTIONS**

**CHAPITRE VII: FAUTES ET SANCTIONS ADMINISTRATIVES**

**Ingingo ya 58: Gutinda gusaba no kongerasha viza cyangwa uruhushya rwo kuba mu Rwanda**

**Article 58: Delay to apply or renew the visa or residence permit**

**Article 58: Retard de demande ou renouvellement du visa ou permis de séjour**

Umunyamahanga utinda gusaba cyangwa kongerasha viza cyangwa uruhushya rwo kuba mu Rwanda, we ubwe cyangwa ku bana be; aba akoze ikosa kandi ahanishwa:

A foreigner, who delays to submit an application for or extension of his or her visa or residence permit, whether himself or herself or for his or her children commits a fault and is liable:

Tout étranger qui tarde d'introduire sa demande d'obtention ou de prorogation du visa ou permis de séjour, que ce soit pour lui-même ou pour ses enfants, commet une faute et est passible:

1 ° ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda ibihumbi mirongo itanu (50.000 FRW) ku bukererwe buva ku minsi itandatu (6) bukezeza ku minsi cumi n'itanu (15);

1 ° to a fine of fifty thousand Rwandan francs (FRW 50,000) for overstay from six (6) to fifteen (15) days;

1 ° d'une amende de cinquante mille francs rwandais (50.000 FRW) pour un retard de six (6) à quinze (15) jours;

2 ° ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda ibihumbi mirongo irindwi (70.000 FRW) ku bukererwe buva ku minsi

2 ° to a fine of seventy thousand Rwandan francs (FRW 70,000) for overstay from sixteen (16) to thirty

2 ° d'une amende de soixante-dix mille francs rwandais (70.000 FRW)

**Official Gazette no.Special of 30/05/2019**

cumi n'itandatu (16) bukageza ku minsi mirongo itatu (30);	(30) days;	pour un retard de seize (16) à trente (30) jours;
3° ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda ibihumbi ijana (100.000 Frw) ku bukererwe buva ku minsi mirongo itatu n'umwe (31) bukageza ku mezi atatu (3);	3° to a fine of one hundred thousand Rwandan francs (FRW 100,000) for overstay from thirty-one (31) days to three (3) months;	3° d'une amende de cent mille francs rwandais (100.000 FRW) pour un retard de trente et un (31) jours à trois (3) mois;
4° ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda ibihumbi magana atatu (300.000 FRW) ku bukererwe buri hejuru y'amezi atatu (3) kugera ku mezi atandatu (6);	4° to a fine of three hundred thousand Rwandan francs (FRW 300,000) for overstay from three (3) to six (6) months;	4° d'une amende de trois cent mille francs rwandais (300.000 FRW) pour un retard de trois (3) à six (6) mois;
5° ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda ibihumbi magana atanu (500.000 FRW) ku bukererwe buri hejuru y'amezi atandatu (6) kugera ku mezi icyenda (9);	5° to a fine of five hundred thousand Rwandan francs (FRW 500,000) for overstay from six (6) to nine (9) months;	5° d'une amende de cinq cent mille francs rwandais (500.000 FRW) pour un retard de six (6) à neuf (9) mois;
6° ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda miliyoni imwe (1.000.000 FRW) ku bukererwe burengeje amezi icyenda (9).	6° to a fine of one million rwandan francs (FRW 1,000,000) for overstay beyond nine (9) months.	6° d'une amende d'un million de francs rwandais (1.000.000 FRW) pour un retard de plus de neuf (9) mois.
Uretse ibihano biteganyijwe mu gika cya mbere cy'iyi ngingo, umunyamahanga ashobora no kwirukanwa mu Rwanda.	In addition to the sanctions provided for under Paragraph One of this Article, the foreigner may also be expelled from Rwanda.	Outre les sanctions prévues à l'alinéa premier du présent article, l'étranger peut également être expulsé du Rwanda.
<b><u>Ingingo ya 59: Amakosa yerekeranye no gutwara abantu n'ibintu mu ndege</u></b>	<b><u>Article 59: Faults related to air transport</u></b>	<b><u>Article 59: Fautes relatives au transport aérien</u></b>
Isosiyete itwara abantu n'ibintu mu ndege:	An air transport company that:	Une société de transport aérien qui:

**Official Gazette no.Special of 30/05/2019**

1 ° itinze cyangwa yanze gusubiranayo umugenzi yazanye mu Rwanda nk'uko yabitegetswe;

2 ° itishyuye ibyatanzwe ku mugenzi yazanye bibaye ngombwa ko asubizwayo kubera kunyuranya n'amategeko;

3 ° itamenye umunyamahanga ufite urwandiko rw'inzira cyangwa viza yarengeje igihe;

4 ° itagaragaje umugenzi waje mu ndege binyuranyije n'amategeko;

iba ikoze ikosa. Ihanishwa ihazabu itari munsi y'amafaranga y'u Rwanda miliyoni ebyiri (2.000.000 FRW) ariko itarenze amafaranga y'u Rwanda miliyoni enye (4.000.000 FRW) cyangwa agaciro k'ayo mu mafaranga y'amanyamahanga.

**Ingingo ya 60: Kwanga cyangwa gukererwa gutanga amakuru ku bagenzi**

Isosiyete itwara abantu mu ndege itubahirije ibiteganywa n'ingingo ya 57 y'iri teka, iba ikoze ikosa kandi ihanishwa ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda miliyoni ebyiri (2.000.000 FRW).

1 ° delays or refuses to return its passenger from Rwanda as ordered;

2 ° does not pay expenses spent on its passenger when it is necessary to return him or her for acting contrary to the law;

3 ° does not identify a foreigner with expired travel document or visa;

4 ° does not report an illegally landed passenger;

commits a fault. It is liable to a fine of not less than two million Rwandan francs (FRW 2,000,000) but not exceeding four million Rwandan francs (FRW 4,000,000) or its equivalent in foreign currency.

**Article 60: Refusal or delay to provide information related to passengers**

An air transport company that does not comply with the provisions of Article 57 of this Order commits a fault and is liable to a fine of two million Rwandan Francs (FRW 2,000,000).

1 ° retarde ou refuse de faire retourner son passager du Rwanda comme ordonné;

2 ° ne paie pas les frais dépensés sur son passager lorsqu'il s'avère nécessaire de le retourner pour ses actions en violation de la loi;

3 ° ne détecte pas un étranger qui a un document de voyage ou un visa expiré;

4 ° ne signale pas un passager ayant atterri illégalement;

commet une faute. Elle est passible d'une amende d'au moins deux millions de francs rwandais (2.000.000 FRW) mais qui ne dépasse pas quatre millions de francs rwandais (4.000.000 FRW) ou l'équivalent en monnaie étrangère.

**Articles 60: Refus ou retard de fournir les informations relatives aux passagers**

Une société de transport aérien qui viole les dispositions de l'article 57 du présent arrêté, commet une faute et est passible d'une amende de deux millions de francs rwandais (2.000.000 FRW).

**Ingingo ya 61: Amakosa y'amasosiyete akoresha ubundi buryo bwo gutwara abantu n'ibintu**

Isosiyete ikoresha ubundi buryo bwo gutwara abantu n'ibintu:

- 1 ° idasubiranayo umugenzi nk'uko byategetswe n'ubuyobozi bubifitiye ububasha;
- 2 ° itishyuye ibyatanzwe ku mugenzi wazanywe bibaye ngombwa ko asubizwayo;
- 3 ° idatanze amakuru yuzuye ku bakozi n'abagenzi mbere yo kugera cyangwa guhaguruka mu Rwanda;
- 4 ° itamenye umunyamahanga ufite urwandiko rw'inzira cyangwa viza byarengeje igihe;
- 5 ° idatanze umugenzi itwaye ibisabwe n'ubuyobozi bubifitiye ububasha;

iba ikoze ikosa. Ihanishwa ihazabu itari muni y'amafaranga y'u Rwanda ibihumbi magana atatu (300.000 FRW) ariko itarenze amafaranga y'u Rwanda ibihumbi magana atanu (500.000 FRW).

Isosiyete ikoresha ubundi buryo bwo gutwara abantu n'ibintu inanirwa kandi ibizi cyangwa yakagombye kuba ibizi

**Article 61: Faults for companies using other means of transport**

A company using other means of transport which:

- 1 ° does not return its passenger as ordered by a competent authority;
- 2 ° does not pay expenses spent on its passenger when it is necessary to return him or her;
- 3 ° does not provide full information of crew and passengers before arrival or departure from Rwanda;
- 4 ° does not identify a foreigner with expired travel document or visa;
- 5 ° does not offload a passenger upon request by relevant authorities;

commits a fault. It is liable to a of not less than three hundred thousand Rwanda francs (FRW 300,000) but not exceeding five hundred Rwandan francs (FRW 500,000).

A company using other means of transport which, knowingly or has reasons to know, fails to report an illegally landed passenger;

**Article 61: Fautes pour des sociétés utilisant d'autres moyens de transport**

Une société utilisant d'autres moyens de transport qui:

- 1 ° ne fait pas retourner son passager tel qu'ordonné par l'autorité compétente du Rwanda;
- 2 ° ne paie pas les frais dépensés sur son passager lorsqu'il s'avère nécessaire de le retourner;
- 3 ° ne fournit pas des informations complètes sur son équipage et les passagers avant l'arrivée ou le départ au Rwanda;
- 4 ° ne détecte pas un étranger qui a un document de voyage ou un visa expiré;
- 5 ° ne débarque pas un passager sur ordre de l'autorité compétente;

commet une faute. Elle est passible d'une amende d'au moins trois cent mille de francs rwandais (300.000 FRW) mais qui ne dépasse pas cinq cent mille de francs rwandais (500,000 FRW).

Une société utilisant d'autres moyens de transport qui, en connaissance de cause ou ayant raisons de savoir, refuse de signaler

kumenyekanisha umugenzi w'umunyamahanga utari yujuje ibisabwa; iba ikoze ikosa. Ihanishwa gutanga ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda ibihumbi magana atanu (500.000 FRW) cyangwa agaciro k'ayo mu mafaranga y'amanyamahanga.

Uretse ibihano bivugwa mu gika cya mbere n'icya 2 by'iyi ngingo, isosiyete ikoresha ubundi buryo bwo gutwara abantu n'ibintu yirengera igiciro cyose kirebana no gusubiza umunyamahanga mu gihugu yaturutsemo.

**Ingingo ya 62 Kutubahiriza inshingano z'umukoresha**

Ukoresha umunyamahanga utubahiriza inshingano ze ziri mu Itegeko ryerekeye abinjira n'abasohoka, aba akoze ikosa kandi ahanishwa ihazabu itari muni y'amafaranga y'u Rwanda ibihumbi magana abiri (200.000 FRW) ariko itarenze amafaranga y'u Rwanda ibihumbi magana atanu (500.000 FRW).

Iyo ari sosiyete ifite ubuzimagatozi, iyi hazabu yikuba inshuro eshatu.

**Ingingo ya 63: Guta cyangwa kwangiza ku burangare urwandiko rw'inzira**

Umuntu uta cyangwa wangiza ku burangare, urwandiko rwe rw'inzira, viza cyangwa uruhushya bigifite agaciro aba

commits a fault. It is liable to a fine of five hundred thousand Rwandan francs (FRW 500,000) or its equivalent in foreign currency.

In addition to the sanctions provided for under Paragraph One and 2 of this Article, a company using other means of transport assumes all costs relating to the return of a foreigner to his country of embarkation.

**Article 62: Non compliance with obligations of an employer**

An employer of a foreigner who does not respect his or her obligations under the law relating to immigration and emigration, commits a fault and is liable to a fine of not less than two hundred thousand Rwandan francs (FRW 200,000) but not exceeding five hundred thousand Rwandan francs (FRW 500,000).

In case of a legal entity, this fine is tripled.

**Article 63: Negligent loss or damage of a travel document**

A person who negligently loses or damages his or her valid travel document, visa or permit commits a fault. He or she is liable to

un passager illégalement débarqué; commet une faute. Elle est passible d'une amende de cinq cent mille de francs rwandais (500.000 FRW) ou l'équivalent en monnaie étrangère.

Outre les sanctions prévues à l'alinéa premier et 2 du présent article, une société utilisant d'autres moyens de transport assume tous les frais liés au retour d'un étranger dans son pays d'embarquement.

**Article 62: Non respect des obligations d'un employeur**

L'employeur d'un étranger qui ne respecte pas ses obligations en vertu de la loi sur l'immigration et émigration commet une faute et est passible d'une amende d'au moins deux cent mille de francs rwandais (200.000 FRW) mais qui ne dépasse pas cinq cent mille de francs rwandais (500.000 FRW).

Lorsqu'il s'agit d'une personne morale, cette amende est portée au triple.

**Article 63: Perte ou détérioration d'un document de voyage par négligence**

Une personne qui, par négligence, perd ou endommage son document de voyage, son visa ou son permis valide commet une



akoze ikosa. Ahanishwa ihazabu ingana na mirongo itanu ku ijana (50%) y'amafaranga atangwa ku rwandiko, viza cyangwa uruhushya yataye cyangwa yangije.

Ubuyobozi Bukuru bushobora kuvanaho iyi hazabu mu gihe busanze iryo takara cyangwa iyangirika ryaratewe n'impamvu zitaturutse kuri nyir'urwandiko rw'inzira, nyiri viza cyangwa nyir'uruhushya.

**Ingingo ya 64: Kutubahiriza inshingano z'ushinzwe amacumbi cyangwa za nyir'inzu ituwemo**

Ushinzwe amacumbi cyangwa nyir'inzu ituwemo utubahiriza inshingano ze zikubiye mu Itegeko ryerekeye abinjira n'abasohoka aba akoze ikosa kandi ahanishwa ihazabu itari munsi y'amafaranga y'u Rwanda ibihumbi ijana (100.000 FRW) ariko itarenze amafaranga y'u Rwanda ibihumbi magana atanu (500.000 FRW).

**Ingingo ya 65: Kutubahiriza inshingano z'ikigo cy'ishuri, ikigo kigisha ubumenyiringiro cyangwa icy'ubushakashatsi n'ikindi kigo gitungirwamo ubumenyi**

Ikigo cy'ishuri, ikigo kigisha

a fine of fifty percent (50%) of the paid fee for the lost or damaged travel document, visa or permit.

The Directorate General may waive this fine if it is satisfied that such loss or damage was due to reasons beyond control of the travel document, visa or permit holder.

**Article 64: Non compliance with obligations of operator of accommodation facility or owner of a residential house**

An operator of accommodation facility or owner of a residential house who does not respect his or her obligations under the law relating to immigration and emigration commits a fault and is liable to a fine of not less than one hundred thousand Rwandan francs (FRW 100,000) but not exceeding five hundred thousand Rwandan francs (FRW 500,000).

**Article 65: Non compliance with obligations of a school, vocational or research center and another institution of learning**

A school, vocational or research center and

faute. Elle est passible d'une amende de cinquante pour cent (50%) du prix du document de voyage, visa ou permis perdu ou endommagé.

La Direction Générale peut dispenser exonérer cette amende si elle est convaincue que cette perte ou dommage est dû à des raisons indépendantes de la volonté du détenteur du document de voyage, du visa ou permis.

**Article 64: Non respect des obligations d'un opérateur d'un établissement d'hébergement ou d'un propriétaire d'une maison résidentielle**

Un opérateur d'un établissement d'hébergement ou un propriétaire d'une maison résidentielle qui ne respecte pas ses obligations en vertu de la loi sur l'immigration et émigration commet une faute et est passible d'une amende d'au moins cent mille de francs rwandais (100.000 FRW) mais qui ne dépasse pas cinq cent mille de francs rwandais (500.000 FRW).

**Article 65: Non respect des obligations d'un établissement scolaire, centre de formation professionnelle ou de recherche et une autre institution d'apprentissage**

Un établissement scolaire, centre de

ubumenyigiro cyangwa icy'ubushakashatsi n'ikindi kigo gitangirwamo ubumenyi bitubahiriza inshingano zikubiye mu itegeko rigenga abinjira n'abasohoka, ndetse n'iri teka kiba gikoze ikosa kandi gihanishwa ihazabu itari muni y'amafaranga y'u Rwanda ibihumbi magana abiri (200,000 FRW) ariko itarenze amafaranga y'u Rwanda ibihumbi magana atanu (500,000 FRW).

**UMUTWE WA VIII: INGINGO ZISOZA**

**Ingingo ya 66: Ivanwaho ry'amateka n'ingingo zinyuranyije n'iri teka**

Amateka akurikira n'izindi ngingo zose z'amateka abanziriza iri kandi zinyuranyije na ryo bivanyweho:

- 1° Iteka rya Minisitiri n° 02/01 ryo ku wa 31/05/2011 rigena amabwiriza n'ibikurikizwa mu gushyira mu bikorwa Itegeko ryerekeye abinjira n'abasohoka;
- 2° Iteka rya Minisitiri n° 03/01 ryo ku wa 31/05/2011 rishyiraho ikiguzi cy'inyandiko z'inzira, impushya zo kuba mu rwanda, viza n'izindi serivisi zitangwa n'ubuyobozi bukuru bw'abinjira n'abasohoka mu gihugu;

another institution of learning which does not comply with its obligations under the law on immigration and emigration and this Order commits a fault and is liable to a fine of not less than two hundred thousand Rwandan francs (FRW 200,000) but not exceeding five hundred thousand Rwandan francs (FRW 500,000).

**CHAPTER VIII: FINAL PROVISIONS**

**Article 66: Repealing provision**

The following orders and all prior provisions contrary to this Order are repealed:

- 1° Ministerial Order n° 02/01 of 31/05/2011 establishing regulations and procedures implementing immigration and emigration law;
- 2° Ministerial Order n° 03/01 of 31/05/2011 determining the fees charged on travel documents, residence permits, visas and other services delivered by the Directorate General of Immigration and Emigration;

formation professionnelle ou de recherche et une autre institution d'apprentissage qui ne respecte pas ses obligations en vertu de la loi sur l'immigration et émigration ainsi que le présent arrêté, commet une faute et est passible d'une amende d'au moins deux cent mille francs rwandais (200.000 FRW) mais qui ne dépasse pas cinq cent mille francs rwandais (500.000 FRW).

**CHAPITRE VIII: DISPOSITIONS FINALES**

**Article 66: Disposition abrogatoire**

